# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-46 TARIKI 30 UKUBOZA 2025 - 5 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU


Icyahungabanya umutekano w'Abaturarwanda ntitwakihanganinira-Perezida Kagame



2

AMAKURU


Aho umwaka wa 2025 usize urwego rw'ubuzima mu Rwanda



4

AMAKURU


Perezida Kagame yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse mu 2025



5

MU NTARA

Karangazi: Barashimira Perezida Kagame ubatangije umwaka abahaye amazi



14


## U Burundi bwihaye u Rwanda na Qatar bwivamo nk'inopfu

NTAWITONDA Jean Claude

***Imvugo zivuguruzanya hagati ya Perezida w'u Burundi Evariste Ndayishimiye na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahaga w'u Burundi Edouard Bizimana, zikomeje kurikoroza ku mbuga nkoranyambaga, aho umwe yavuze akari ku mutima we bigasa n'aho yorosoye akari ku mutima wa Guverinoma y'u Burundi katagenewe gutangazwa ngo kamenywe na benshi.***

Ubwo Minisitiri Edouard Bizimana yikozaga ku mbuga nkoranyambaga asesengura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), yisamye yasandaye agaragaza ko imbaraga zashyizwe mu buhuza nta musaruro zitanga kubera ko Qatar yabyivanzemo.

Mu butumwa yanyujije

KOMEZA KU RUP.3

# Bola Tinubu yishimiye gusangira na Perezida Kagame



Perezida wa Nigeria Asiwaju Bola Ahmed Adekunle Tinubu yishimiye gusangira na Perezida Paul Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Nigeria Asiwaju Bola Ahmed Adekunle Tinubu yishimiye gusangira ibya saa sita na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, banaganira ku ngingo zitandukanye zirebana n'Isi ndetse n'iterambere rya Afurika.***

Ku Gicamunsi cyo kuri iki Cyumweru tariki ya 4 Mutarama 2026, ni bwo abayobozi bombi bahuriye ku meza i Paris mu Bufaransa.

Mu butumwa yanyujije ku mbuga nkoranyambaga, Perezida Bola Tinubu yagize ati: "Kuri iki gicamunsi, nasangiye iby'amanywa byihariye na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame w'u Rwanda, tuganira ku miterere y'ibibazo by'Isi ya none no guteza imbere Afurika mu ruhando mpuzamahanga ruhindagurika."

Bivugwa ko Abakuru b'Ibihugu bombi bahuriye i Paris mu gihe bitegura kwitabira Inama Mpuzamahanga yiga ku

KOMEZA KU RUP.3

# Icyahungabanya umutekano w'Abaturarwanda ntitwakihanganira-Perezida Kagame



Perezida Paul Kagame yifurije Abanyarwanda umwaka mushya wa 2026

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yashimangiye ko u Rwanda rwiteguye gukora ibishoboka byose rukubahiriza ibikubiye mu masezerano ya Washington yo kugarura amahoro n'umutekano mu Karere rwasinyanye na Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo, avuga ko ikizahungabanya umutekano w'Abaturarwanda n'abaturanyi babo kitazihanganirwa.***

Yabigarutseho ku wa 31 Ukuboza 2025, mu ijambo risoza umwaka yagejeje ku Banyarwanda, aho yashimiye Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Qatar bafatanyije n'inzego z'Afurika kugira ngo iyo ntera y'ayo masezerano igerweho.

Umukuru w'Igihugu yongeye gushimangira ko u Rwanda rwiteguye kubahiriza ibikubiye muri ayo masezerano hagamijwe kugarura amahoro mu Karere.

Ati: "Icyahungabanya umutekano n'amahoro by'Abaturarwanda ntabwo tuzakihanganira."

Yunzemo ati: "Ubugome bw'abahezanguni bushyigikiwe na Leta hariya, buteye inkeke."

Yavuze ko Abanyarwanda ahazaza habo bakwiye hashoboka kandi bagomba kuguma mu nzira zikwiye zibateza imbere.

Ati: "Mu gihe twishimira gusoza umwaka, ndasaba buri wese kwitwararika, twita ku mutekano wacu n'uw'abadukikije."

Ni amasezerano yo gushyigikira amahoro n'ubukungu hagati y'u Rwanda na RDC, yasinywe tariki ya 4 Ukuboza 2025, mu isinywa ryayo Perezida Kagame yari yicaranye na Perezida wa Repubulika Iharanira Demikarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, umukono bashyizeho ukaba warishimiwe n'abitabiriye ndetse na miliyoni z'abantu babakurikiye ku miyoboro y'itangazamakuru inyuranye.

Icyo gihe na bwo mu ijambo Perezida Kagame yavuze yabanje gushimira Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma ba Afurika bitabiriye iki gikorwa cyo gushyira umukono ku masezerano, uwari ahagarariye Leta ya Qatar, by'umwihariko Perezida Trump na Guverinoma ye batumye ibi byose bishoboka.

Yavuze ko mu myaka irenga 30 ishize habayeho gahunda z'ubuhuza zitagira ingano ariko ngo nta n'imwe yageze ku ntsinzi yo gukemura ibibazo bihari, akavuga ko iya Perezida Trump yo yihariye.

Ati: "Perezida Trump yashyizeho uburyo bushya kandi butanga umusaruro bwahanze amahirwe. Uburyo bwe kandi butangwa nta kubogama. Aratuyobora ku hazaza si ku hahise, ashimangira ko umwe mu musaruro w'amahoro ari uburumbuke n'ishoramari harimo n'irivuye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika."

Yaboneyeho gushima by'umwihariko Umunyamabanga wa USA ushinzwe Ububanyi n'Amahanga Marco Antonio Rubio, n'Umujyanama wihariye wa Trump kuri Afurika Massad Boulos, bagize uruhare ntagereranywa muri urwo rugendo.

Ati: "Ntitwari kuba turi hano uyu munsi iyo hataza kubaho umuhate wabo, kandi nk'umusaruro, dufite inzira igaragara kandi ishoboka ituganisha imbere kurusha izindi zose twagize. Aya masezerano atanga buri kimwe cyose gikenewe mu gukemura burundu ikibazo cy'umutekano muke. Aya masezerano nadakunda, ibintu ntibigende nk'uko bikwiye kuba bigenda, ibyo ntibizaba ari inshingano za Perezida Donald Trump ahubwo zizaba ziri kuri twe."

Yavuze ko ari ah'u Rwanda na RDC gufatanya n'abafatanyabikorwa batandukanye mu guhuriza hamwe imbaraga no kugarura amahoro nubwo mu rugendo batangiye hazabamo byinshi by'urucantege.

Ku munsi wo gusoza umwaka wa 2025, Umukuru w'Igihugu Paul Kagame, yavuze ko we n'umuryango we bifurije Abanyarwanda kuzagira umwaka mushya muhire wa 2026 w'ibyishimo n'uburumbuke.



Abakora mu Nzego z'umutekano biyemeje kudatezuka ku bikorwa byiza byaranze intwari

# Abakora mu Nzego z'umutekano basuye Igicumbi cy'Intwari bihaye umukoro

KAMALIZA Agnes

***Abakora mu Nzego z'umutekano zirimo Polisi y'u Rwanda, Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Igorora (RCS), Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) bagera kuri 52, basuye Igicumbi cy'Intwari biyemeza kurushaho kwimakaza umuco wo gusoma mu rwego rwo kumenya amateka yaranze u Rwanda.***

Abasuye icyo gicumbi ku wa 30 Ukuboza 2025, ni abari mu mahugurwa ahabwa ba ofisiye bato (Junior Command and Staff Course JCSC) agamije kubatoza gukora inshingano z'ubuyobozi mu byiciro bitandukanye, aho biyemeje gukomeza kwiga bihugura kandi basoma.

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe (CHENO), rwagaragaje ko gukunda Igihugu ari byo bibyara ubutwari ndetse by'umwihariko nk'abakora mu Nzego z'umutekano bakwiye no kucyitangira bibaye ngombwa.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ubushakashatsi muri CHENO, Rwaka Nicolas, yabagaragarije ko bimwe mu biranga gukunda Igihugu birimo ubumwe, kugikorera no kucyitangira, gukunda ibirango byacyo no kubirinda, gukorera abaturage, gukunda umuco wacyo no kuwishimira, gukorera inyungu rusange kurusha inyungu bwite n'ibindi.

Rwaka yabashimiye inyota bagaragaje yo kumenya amateka no kwiyemeza kwigira ku Ntwari z'u Rwanda bagera ikirenge mu cyazo, abasaba gukomeza iyo nzira.

Ati: "Igihe waba ukorera Igihugu bisaba kwihugura kugira ngo umenye byinshi, mwabonye ko bamenya amateka y'Igihugu ndetse ikiruta byose tuba dushaka ni ukugira ngo bigire ku Ntwari z'u Rwanda n'ibikorwa zakoze, n'ukuntu zashoboye kubigeraho na bo mu mirimo barimo yo gukunda Igihugu batere ikirenge mu cyabo."

Nyuma yo gusura no gusobanurirwa amateka byimbitse, biyemeje gusangiza bagenzi babo ubumenyi bungutse ndetse bakazakorana n'abaturage umunsi ku ku wundi.

Bagaragaje ko banyuzwe n'ibikorwa by'Intwari z'u Rwanda kandi badateze gutezuka kuri ibyo bikorwa byiza.





# Bola Tinubu yishimiye gusangira na Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

Iterambere Rirambye ya Abu Dhabi batumiwemo na Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) Sheikh Mohamed bin Zayed Al Nahyan.

Ibiganiro bya Perezida Kagame na Tinubu bishimangira umubano n'ubushuti bubatse kuva uyu muyobozi yatangira kuyobora Nigeria muri Gicurasi 2023.

Igihe Tinubu yarahiraga, Perezida Kagame yari umwe mu Bakuru b'Ibihugu bya Afurika bitabiriye ibyo birori byabereye i Abuja ku wa 29 Gucurasi 2023.

Abakuru b'Ibihugu bombi baheruka kugirana ibiganiro i Abu Dhabi ku wa 13 Mutarama 2025, nanone ubwo haberaga Icyumweru cy'Inama Mpuzamahanga yiga ku Iterambere Rirambye ya Abu Dhabi.

Tinubu yagaragaje ko anyurwa no kuganira na Perezida Kagame, kuko ibiganiro byabo biba bifite igisobanuro cyimbitse kandi bitanga umusaruro

Tinubu ahamya ko Afurika ifite ibisabwa byose byayifasha kwiteza imbere. Ati: "Dufite ubutunzi, abantu n'ubushobozi. Tugomba kwisuzuma mu kunoza ubucuruzi n'ubufatanye bukorwa hagati yacu bikungura Abanyafurika n'Umugabane. Igihe cya Afurika ni iki. Turashoboye, tugomba gukora kandi tuzabikora."

Nigeria n'u Rwanda bisanzwe bifitanye umubano uzira amakemwa mu bya dipolomasi kuva u Rwanda rwabona ubwigenge mu 1962, ibihugu byombi bikaba bifatanya binyuze mu nzego zirimo Umuryango w'Abibumbye, Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe na Commonwealth.

Umubano kandi wanagukiye mu masezerano arimo ay'Ubufatanye mu bya Serivisi z'Indege aho indege za RwandAir zikora ingendo nyinshi zihuza Lagos na Kigali buri cyumweru.

Hari n'ubundi bufatanye ibihugu byombi bifitanye mu bijyanye no guhererekanya ubumenyi n'abakozi, aho impuguke zo muri Nigeria hari izoherezwa mu Rwanda.

# U Burundi bwihaye u Rwanda na Qatar bwivamo nk'inopfu

IBIKURIKIRA URUP.1

ku mbuga nkoranyambaga, Minisitiri Bizimana yagize ati: "U Rwanda rwagerageje Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald Trump, ntihagira igikorwa none hakomeje gufatwa ibyihebe byinshi mu Burasirazuba bwa RDC barenze ku masezerano ya Washington.

Ni ingirakamaro gushimangira uruhare rubi rwa Qatar ikoresha igitinyiro n'amafaranga ifite mu kubuza Amerika kugira icyo ikora."

Ubwo butumwa bwasamiwe hejuru n'abakoresha imbuga nkoranyambaga, banenga imisesengurire ya Minisitiri Bizimana wihaye Qatar mu gihe ikomeje kugira uruhare rukomeye mu rugendo rwo gushaka igisubizo kirambye cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC no mu Karere.

Perezida Ndayishimiye yahise amuvuguruza yifashishije urukuta rwe rwa X mu gihe Minisitiri Bizimana na we yahise asiba ubutumwa yatangaje kubera igihunga yatewe n'uburyo bwakiriwe



Perezida Ndayishimiye (iburyo) yavuguruje Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Bizimana Edouard wapfobeje umusanzu wa Qatar mu guharanira amahoro mu Karere

n'abamukurikira.

Ndayishimiye yagize ati: "U Burundi iteka bushima umubano mwiza kandi w'igihe kirekire bufitanye na Qatar, ndetse n'umusanzu w'ingenzi wa Qatar mu bikorwa by'ubuhuza muri RDC. Ni ingirakamaro gushyira umucyo ku kutumvikana n'imvugo itari yo ku birebana n'umusanzu wa Qatar mu iterambere no kubaka amahoro."

U Burundi buvugwaho kugira uruhare rukomeye mu bibazo by'umutekano muke wibasiye Uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), aho bivugwa ko bwoherejeyo abasirikare basaga 20 000 barwanira ku ruhande rurenganya Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda by'umwihariko abo mu bwoko bw'Abatutsi.

Ingabo z'u Burundi zivugwaho gufatanya n'iza RDC (FARDC), imitwe ya Wazalendo na FDLR mu kugaba ibitero ku basivili.

Leta ya Qatar yashyizwe mu majwi, igira uruhare rukomeye mu gukemura amakimbirane yo mu Karere k'Ibiyaga Bigari, by'umwihariko mu guhuza Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), u Rwanda, n'umutwe wa AFC/M23.

Qatar yayoboye ibiganiro i Doha byatumye ku wa 19 Nyakanga 2025, impande zombi zishyira umukono ku mahame ngenderwaho aganisha ku masezerano y'amahoro arambye.

Muri Werurwe 2025, Emir wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani, yahurije i Doha Perezida Paul Kagame w'u Rwanda na Félix Tshisekedi wa RDC mu biganiro byari bigamije guhosha umwuka mubi hagati y'ibihugu byombi.

Qatar ifatanya na Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro ya 'Washington Accord' yasinywe hagati y'u Rwanda na RDC muri Kamena no mu kwezi k'Ukuboza 2025.

Qatar ni umunyamuryango wa Komite Mpuzamahanga (ihuriwemo na USA, AU, u Rwanda, na RDC) ishinzwe kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro no gukemura amakimbirane ashobora kuvuka.

Qatar yagiye yakira intumwa z'umutwe wa M23 n'iza Guverinoma ya RDC mu biganiro by'ibanga bigamije kumvikana ku mpamvu shingiro z'umutekano muke n'uko warushaho kunozwa.

Nubwo hari intambwe imaze guterwa, Qatar yagaragaje ko hari ingorane zikomeye zirimo kutizerana hagati y'impande zihanganye, ariko yiyemeza gukomeza umuhati ku bufatanye n'amahanga.

# Aho umwaka wa 2025 usize urwego rw'ubuzima mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Nubwo hari intambwe yatewe mu rwego rw'Ubuzima mu Rwanda mu 2025, ishingiye ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, amavugurura muri serivisi z'ubuvuzi, ariko hagaragaye n'imbogamizi zirimo ukwiyongera kw'indwara zimwe na zimwe, ihagarikwa ry'inkunga z'amahanga mu buvuzi n'ibindi.***

Nubwo umwaka wa 2025 utaranzwemo indwara nshya z'ibyorezo, hari bimwe mu bibazo by'ingutu byugarije ubuzima

**Bimwe mu byashegeshe ubuzima mu 2025**

Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho n'ubuzima bw'abaturage (RDHS 7) bw'umwaka wa 2025, bwagaragaje ko abangavu baterwa inda biyongereye bakagera ku 8% bavuye kuri 5% mu 2020.

Ubwo hamurikwaga ubwo bushakashatsi ku wa 17 Ukuboza 2025, Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurirashamibare (NISR) cyagaragaje ko ubwo bushakashatsi ku bangavu bari hagati y'imyaka 15-19, aho 21% batewe inda batakandagiye mu ishuri, abize amashuri abanza ari 13%, naho abize ayisumbuye bari 4%.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko hashingiwe ku myaka abangavu batewe inda, 1% bari bafite imyaka 15, abagera kuri 2% bafite imyaka 16, naho 6% bafite imyaka 17, mu gihe 12% bafite imyaka 18 ndetse 20% bari bafite imyaka 19.

Bwerekanye ko mu 2005 abangavu batewe inda bari kuri 4%, mu 2010 bari kuri 6%, mu 2015, bagera kuri 7%, mu 2020 bagera kuri 5%, mu gihe mu 2025 bageze ku 8%.

Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana, yagaragaje ko bagiye gushyira imbaraga mu



MINISANTE yatangije Ikigo cy'Ikoranabuhanga mu Buzima

guhangana n'ikibazo cy'abangavu baterwa inda.

**Abafite Virusi itera SIDA bageze ku 234 593**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) cyatangaje ko abafite Virusi itera Sida mu Rwanda bageze ku bihumbi 234.593 aho buri mwaka handura abagera ku 2500 mu gihe abandi bangana nkabo bicwa nayo.

Ku wa 01 Ukuboza RBC yatangaje ko nubwo u Rwanda ruhagaze neza mu kurwanya Virusi itera SIDA, urubyiruko rukigaragaramo ubwandu bushya buri kuri 2,7% ku bari hagati y'imyaka 15-49.

**Ubwiyongere bwa malariya**

Muri Mata RBC yatangaje ko agakoko gatera malariya kiyongereye bikaba byaratumye n'umubare w'abayandura wiyongera ugereranyije n'imyaka yatambutse aho mu bushakashatsi bwakozwe bwagaragaje ko mu Mirenge 20 yabaruwe mu gihugu ifite malariya nyinshi, 15 muri yo ari iyo muri Kigali, hakazamo n'indi yo mu Karere ka Nyagatare (mu Burasirazuba) na Gisagara (mu Majyepfo).

Umujyi wa Kigali uri ku isonga mu yugarijwe na malaria aho Akarere ka Gasabo kayoboye utundi mu gihugu n'abarwayi 15 409, Kicukiro n'abarwayi 10 473, mu gihe aka Nyarugenge kari ku mwanya wa gatanu n'abarwayi 5 161.

U Rwanda rwavuze ko rugiye gukoresha imiti mishya yunganira iyari isanzwe ikoreshwa mu guhangana na Malariya nk'uko byatangajwe n'Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kurwanya malariya muri RBC, Dr. Mbituyumuremyi Aimable.

**Abivuriza CARAES Ndera bageze ku 116%**

Muri Nyakanga, Ubuyobozi bw'Ibitaro byita ku bafite indwara zo mu mutwe (CARAES Ndera) bwatangaje ko abarwayi babigana bamaze kurenga ubushobozi bwabyo kubera ubwiyongere bukabije, aho bageze ku 116%.

Imibare y'ibyo bitaro igaragaza ko mu 2024, abarwayi biyongereyeho 26% bagera ku 101 000 bavuye kuri 96 000 mu mwaka wa 2023.

**Inkunga za USAID na Enabel zashyirwaga mu buvuzi zarahagaze**

Muri Werurwe, Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) yavuze ko kuba inkunga z'Ikigo cya Amerika gishinzwe iterambere Mpuzamahanga (USAID) n'iz'Ikigo cy'u Bubiligi gishinzwe iterambere (Enabel), zarahagaze bitazakoma mu nkokora urwego rw'ubuzima zari zifatiye runini mu Rwanda kuko rutari rutunzwe n'inkunga gusa.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Sabin Nsanzimana,

Yagize ati: "Icyo namaraho impungenge ni uko izo nkunga ntabwo ari zo zari zitubeshejeho zonyine."

Imibare igaragaza ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024, Amerika yahaye u Rwanda inkunga ya miliyoni 126 457 174 z'amadolari ya Amerika, amenshi yagiye mu rwego rw'ubuzima kuko rwashyizwemo arenga gato miliyoni 58 z'amadolari.

Ku rundi ruhande ariko urwego rw'ubuzima rwariyubatse rukomeza intambwe u Rwanda rwiyemeje yo kuba igicumbi cy'ubuvuzi mu karere.

**MINISANTE yatangije Ikigo gishya cy'Ikoranabuhanga mu Buzima**

Muri Mata MINISANTE n'abafatanyabikorwa batandukanye, yatangije ikigo "Health Intelligence Center" kizayifasha gukusanya amakuru y'amavuriro yose mu gihugu hifashishijwe ikoranabuhanga.

Ikigo 'Health Intelligence Center' kijyanye n'ikoranabuhanga mu gukoresha amakuru kugira ngo habashe gufatwa imyanzuro ishingiye ku mibare ariko nanone bifashe Minisiteri y'Ubuzima gutanga inyunganizi mu bigo by'ubuvuzi mu gihugu hose bitayisabye kujya aho biri.

U Rwanda rwiyemeje kuba igicumbi cy'ubuzima muri Afurika, binyuze mu kubaka ibikorwa remezo by'ubuvuzi bigezweho, gushyiraho politiki zikangura ishoramari mu nzego z'ubuzima no gukora ubushakashatsi.

Guhera mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2026, u Rwanda rwitezweho gutangira gukora ibinyabutabire by'ubuvuzi bwa nikeleyeri bizwi nka "radionuclides".

Ibyo binyabutabire byifashishwa mu buvuzi bwa kanseri zitandukanye binyuze mu gushiririza no gutandukanya uturemangingo (cellules) turwaye n'utuzima.

Ubwo buvuzi kandi bwifashisha ikoranabuhanga rigezweho ririmo ibyuma bisuzuma hifashishijwe urumuri rutangwa n'icyo kinyabutabire bizwi nka "Positron Emission Tomography (PET)", biteganywa ko bizatangira gukoreshwa bwa mbere mu Bitaro Bikuru bya Gisirikare by'i Kanombe byo kwigishirizamo (RMRTH).

Intego Igihugu cyihaye zikaba zigamije gufasha Abanyarwanda kubona serivisi nziza z'ubuvuzi batiriwe bajya hanze, ndetse n'abaturage bo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba na bo bakazibonera mu Rwanda.






# Perezida Kagame yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse mu 2025

KAYITARE Jean Paul

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ko umwaka wa 2025 usize igihugu giteye intambwe igaragara ariko anagaragaza ko cyanyuze mu bibazo bigoye. Yikije ku kuba Abanyarwanda bafite inshingano zo kubungabunga no gukoresha neza amikoro igihugu gifite.***


Perezida Paul Kagame yibukije Abanyarwanda ko bafite inshingano zo gukoresha neza amikoro igihugu gifite

Yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Gatatu tariki 31 Ukuboza 2025, ubwo yagezaga impanuro ku Banyarwanda mu ijambo rye risoza umwaka wa 2025.

Umukuru w'Igihugu yashimiye Abanyarwanda bose biturutse ku cyizere n'ubufatanye bagaragaje mu mwaka wa 2025.

Yagize ati: "Ubukungu bwacu bwarazamutse, ubu inshingano dufite ni ukubungabunga kandi tugakoresha neza amikoro dufite nk'Igihugu."

Ibi birasaba Abanyarwanda kwishakamo ibisubizo bikwiye gutuma bahorana intego n'imigambi bishya. Ati: "Nta wundi muntu dukwiye gutegerezaho iterambere n'imibereho myiza yacu.

Igishoro kinini kandi dufite nk'Igihugu ni urubyiruko rushoboye. Ni inshingano zanyu nk'urubyiruko rw'u Rwanda gusigasira ibyo twubatse no kubiteza imbere."

Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yizera ko ibyo byose urubyiruko rubyiteguye kandi ko n'iyo byasaba kwitanga, yaba ku giti cyarwo cyangwa Abanyarwanda bose hamwe.

Urugendo Abanyarwanda bagenze, imbogamizi bazihinduyemo amahirwe kandi barushaho gukomera, abasaba kutibagirwa aho bavuye kandi bikazakomeza uko kugira ngo bibafashe kwiyubaka uko babyifuza.

Ashimangira ko umwaka wa 2025 wabayemo ibikorwa byinshi kandi byashyize u Rwanda ku rundi rwego mu ruhando mpuzamahanga.

Ati: "Inama mpuzamahanga ku mutekano w'Afurika yabaye ku nshuro yayo ya mbere, Ishuri Nyafurika ry'Imiyoborere ritangiza amasomo yaryo azigwa n'abanyeshuri baturutse hirya no hino muri Afurika."

Umukuru w'Igihugu yagaragaje ko u Rwanda rwanakiriye inama ngarukamwaka igamije kubyaza ingufu za nikeleyeri umusaruro ku mugabane wa Afurika.

Akomeza agira ati: "Ibi birashimangira ko Abanyarwanda n'Abanyafurika muri rusange, dufite ubushobozi bwo kugena abo turi bo, ibyo twemera n'aho twerekeza."

Yavuze ko ibihe bidasanzwe mu byaranze uyu mwaka wa 2025, ari igihe u Rwanda rwakiraga Isiganwa Mpuzamahanga ry'Amagare (UCI 2025).

Agira ati: "Kwakira iri rushanwa i Kigali ndetse abakinnyi b'abahanga bakaryitabira byari ishema rikomeye ku gihugu cyacu. Ndashimira cyane ababigizemo uruhare bose mu migendekere myiza y'iri rushanwa."

Siporo ni umuyoboro uhuza kandi ugatera imbaraga abantu batandukanye hirya no hino. Isi yagize amahirwe yo kubona u Rwanda n'Afurika mu yindi shusho.

Perezida Kagame yakomoje ku mupira w'amaguru mu Rwanda, agaragaza ko n'ubwo muri uyu mukino u Rwanda rutaragera ku rwego rwo hejuru, ariko ngo ejo hazaza hatanga icyizere.

Ibi biraturuka ku bufasha bw'Ishyirahamwe ry'Umupira w'amaguru ku Isi (FIFA) mu kuzamura urwego rw'u Rwanda mu mupira w'amaguru.

Akomeza agira ati: "Tunejejwe kandi no kuzakira imikino ya FIFA Series umwaka utaha. Intego yacu y'igihe kirekire, yanaduteye kubaka ibikorwa remezo bitandukanye, ni ukurera no kubaka impano z'Abanyarwanda bakiri bato mu buryo bazabasha guhatana no gutsinda."

# U Rwanda ni urwa mbere muri Afurika mu mikorere inoze y'ubucuruzi

KAYITARE Jean Paul

***Raporo yatangajwe na Banki y'Isi, Business Ready (B-READY 2025), igaragaza ko u Rwanda rukomeje kuba igihugu cya mbere muri Afurika mu kunoza imikorere y'ubucuruzi, ibyo bigatuma rumenyekana ku rwego mpuzamahanga kubera gushyira mu bikorwa ivugurura rihinduka ibisubizo bifatika mu mikorere y'ubucuruzi.***

Banki y'Isi yerekana uko u Rwanda ruhagaze mu byiciro bitandukanye. Umwaka wa 2025, urangiye ari urwa mbere muri Afurika mu rwego rw'amategeko n'amabwiriza agenga ubucuruzi.

Rwashyizwe kandi ku mwanya wa mbere muri Afurika mu mikorere inoze y'ubucuruzi, ruri ku mwanya wa 12 ku Isi, kandi ni rwo rwonyine muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara rugeze kuri uru rwego.

Iyo raporo ya Banki y'Isi yanashyize u Rwanda ku mwanya wa gatatu muri Afurika, mu rwego rwa serivisi za Leta, ahagaragara intambwe rumaze gutera mu iterambere.

Igihugu cya Bulgaria ni cyo kiza ku isonga ku rwego rw'Isi mu kunoza imikorere y'ubucuruzi, kigakurikirwa na Kazakhstan, Moldova, Montenegro, North Macedonia, Romania, Türkiye na Uzbekistan.

Hong Kong SAR, China bishyirwa ku mwanya umwe, raporo ya Banki y'Isi igaragaza ko Taiwan, China na Viet Nam na byo biri mu cyiciro kimwe hanyuma hagakurikiraho u Rwanda, ari na rwo rwa mbere muri Afurika.

Raporo ya Banki y'Isi 'Business Ready ni raporo y'ingenzi ya World Bank Group igaragaza isesengura rifatika ry'imiterere y'ubucuruzi n'ishoramari ku Isi hose.

Itanga amakuru arambuye n'isesengura ry'ibintu bishimangira iterambere ry'Urwego rw'Abikorera, binyuze mu guteza imbere inyungu z'ibigo ku giti cyabyo, abakozi, abaguzi, abashoramari bashya ndetse n'ibidukikije.

Uburyo B-READY ikoresha bushingiye ku nkingi eshatu zifatwa nk'ishingiro ryo gusuzuma ubukungu bw'ibihugu; Urwego rw'Amategeko (Regulatory Framework), Serivisi za Leta (Public Services) n'Imikorere n'Ubushobozi bwo Gukora Neza (Operational Efficiency).

Isesengura rishyirwa mu byiciro 10 bihuye n'inzego zitandukanye z'icyiciro cy'ubuzima bw'ikigo cy'ubucuruzi, kuva kigitangira kugeza gikora neza.

B-READY ishingira ku ikusanyamakuru ry'ibanze rikomeye, rikorwa binyuze mu bibazo byihariye bigenewe inzobere n'ubushakashatsi bukorwa ku rwego rw'ibigo by'ubucuruzi.

Raporo ya Banki y'Isi igaragaza amakuru n'ubutumwa bw'ibanze buturuka mu bihugu 101, bihagarariye inzego zose z'ubukungu n'Uturere twose tw'Isi.


U Rwanda ku isonga muri Afurika mu kunoza ubucuruzi

# U Rwanda rwamaganye amakuru y'uko hari abasirikare ba RDF bafatiwe muri RDC



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererana w'u Rwanda, Amb. Olivier Nduhungirehe, yamaganye ibinyoma RDC ikomeje gukwirakwiza**

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererana w'u Rwanda, Amb. Olivier Nduhungirehe, yahakanye amakuru yatangajwe na Repubulika ya Demokarasi ya Congo (RDC) avuga ko hari abasirikare bo mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) bafatiwe ku butaka bw'icyo gihugu.***

Mu butumwa yanyujije ku rubuga rwa X kuri uyu wa 03 Mutarama 2026, Nduhungirehe yavuze ko ubutegetsi n'itangazamakuru bya RDC byageze ku rwego ruhanitse mu gucura ikinyoma, yemeza ko nta musirikare n'umwe w'u Rwanda wigeze ufatirwa muri icyo gihugu cyangwa ngo yerekwe itangazamakuru.

Yatangaje ibyo nyuma yuko hari ibitangazamakuru byo muri RDC byavuze ko Ingabo z'icyo gihugu FARDC zerekanye abasirikare barindwi b'u Rwanda n'abasivili umunani baturutse mu bihugu bituranye, bivugwa ko bafatiwe mu mirwano ishyamiranyije izo ngaboo n'inyeshyamba za AFC/M23 mu Ntara za Kivu y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo.

Agaruka kuri ibyo bikorwa bya RDC Minisitiri Nduhungirehe yagize ati: "Nta n'umwe mu bagize Ingabo z'u Rwanda, (RDF) wafatiwe muri Congo cyangwa ngo yerekwe itangazamakuru muri iki gitondo. Ibi ni ibinyoma byambaye ubusa, na ba nyirabyo ntibabyizera."

Amb. Nduhungirehe yagaragaje ko ari ikinyoma cyacuzwe, mu rwego rwo gushaka kwibagiza abantu ibyakozwe n'uwari Umuvugizi w'Ingabo za FRDC, Sylvain Ekenge uherutse kuvugira kuri Televiziyo y'Igihugu, amagambo y'urwango yibasira Abatutsikazi.

Yahamije ko ifoto y'umwe mu beretswe itangazamakuru i Kinshasa witwa,"Ndayambaje Abuba", nanone werekanywe ku wa 16 Gashyantare 2024, aho Col Guillaume Ndjike, wari Umuvugizi wa FARDC muri Kivu y'Amajyaruguru, na bwo yavuze ko ari umusirikare wa RDF.

Yagize ati: "Uwo musore yerekanywe mu 2024, yambaye imyenda y'abasivili isa nabi, bavuga ko ari umusirikare w'u Rwanda wafatiwe ku butaka bwa Congo. Bari kugerageza gusibanganya amabi ya Ekenge."

Minisitiri Nduhungirehe yongeyeho ko nubwo bagerageza kwikura mu isoni z'ibyo Gen Maj Ekenge yakoze ariko Guverinoma ya RDC iri kwitwara mu buryo bugayitse.

Gen Maj Sylvain Ekenge wahoze ari umuvugizi w'ingabo za RDC, mu kiganiro cyatambutse kuri televiziyo RTBC tariki ya 27 Ukuboza, yagize ati: "Uyu munsi iyo urongoye umugore w'Umututsi ugomba kwitonda cyane, kuko baguha n'umuntu wo mu muryango we nka mwishywa we, mubyara we uza iwawe kandi atari mubyara cyangwa mwishywa we ahubwo ari umuntu uje kubyarana n'umugore wawe iwawe, yabyara bakakubwira ngo oya abana bavutse basa! kuko Abatutsi ari ubwoko bwo hejuru, kandi ari ubugambanyi, ubwenge…"

Aya magambo ya Ekenge arwanya Abatutsi yakurikiye andi yavuzwe na Jean Claude Mubenga, umwe mu bantu ba hafi ba Perezida wa RDC, Félix Tshisekedi, wavuze ko Abatutsi ari "inyenzi," "abinjira", cyangwa "virusi".

Ayo magambo akaba ahuye neza n'ayakoreshwaga mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu rwego rwo guhembera urwango ari na yo yatumye ishyirwa mu bikorwa.

Perezida Tshisekedi yigeze kwakira Abanyepolitiki n'abandi bantu, barimo Justin Bitakwira, basabye ku mugaragaro ko Abatutsi bakorerwa ihohoterwa.

Amb. Nduhungirehe kandi ashinja ubuyobozi bwa RDC gushishikariza abantu imvugo z'urwango zigamije kwibasira abo mu bwoko bw'Abatutsi bo muri Congo, barimo Abanyamulenge bo mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo.

Kugeza ubu RDC yabaye indiri y'umutwe wa FDLR, washinzwe n'abasize bakoze bakanategura Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse ukomeje uwo mugambi wo gukomeza kuyikora.

Mu myaka myinshi yashize, FDLR yakomeje gukwirakwiza ihohoterwa n'ingengabitekerezo ya Jenoside igamije kurimbura Abatutsi bo muri RDC, cyane cyane mu Burasirazuba bw'icyo gihugu.





**Imvaho Nshya**
*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

## Ijambo ry'Ibanze

## *Akarenze umunwa karushya ihamagara*

Abahanga mu mitekerereze ya muntu, bagaragaza ko ikigero cy'imitekerereze n'ubwenge bw'umuntu byose bigaragara gusa iyo umuntu avuze, bityo iyo umuntu atarabumbura akanwa aba afatwa nk'umunyabwenge uhambaye.

Mbere y'uko Isi ihindurwa n'ikoranabuhanga ikaba nk'umudugudu, Abanyarwanda bari barabonye ko amagambo yasohotse mu kanwa adashobora kugaruka, aka wa mugani ugira uti: "Akarenze umunwa karushya ihamagara."

Amagambo asohotse mu kanwa cyangwa mu nyandiko ashobora kwica cyangwa agakiza Igihugu, by'umwihariko igihe atangajwe n'ubuyobozi, ari na yo mpamvu akenshi abayobozi bakunze gutegurana ubushishozi amagambo bavuga.

Ingaruka z'amagambo adasesenguye agira ingaruka zikomeye, zirimo kwivuguruza mu gihe abayumvise bamaze gutoramo akabitse ku mutima.

Mu gihe Akarere k'Ibiyaga Bigari gahanganye n'ibibazo by'umutekano muke bishingiye kuri Politiki y'ivangura n'amacakubiri imaze imyaka ikabakaba ijana byabibwe n'Abakoloni, abayobozi bakuru muri Guverinoma y'u Burundi bisanze mu ihurizo ryo guhuza ibyiyumvo byabo na Politiki mpuzamahanga.

Ibibazo by'Akarere bikomeje gushakirwa umuti urambye ku bufatanye bw'ibihugu nka Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Qatar byiyemeje gutanga umusanzu wabyo ngo ibihugu byo mu Karere bitekane.

Ku bw'inyungu z'u Burundi zisa n'izibangamiwe mu rugendo rwatangiwe n'ibyo bihugu mu gushaka umuti urambye w'ibibazo by'Akarere, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'icyo gihugu yanenze imikorere y'abahuza ariko aza kubona ko yakosheje mu butumwa bwanyujijwe ku mbuga nkoranyambaga.

Gusiba ibyo yatangaje ntibyagize icyo bitanga kuko abakoresha imbuga nkoranyambaga basigaranye kopi yarushije ubutumwa bwa mbere gukwirakwira.

Isomo bitanga ni uko ubutumwa butanzwe by'umwihariko n'Umuyobozi, bukwiye kuba bwitondewe ngo budashobora guteza urwikekwe cyangwa ngo rureme urujijo.

Si ubuyobozi bw'Igihugu gusa kuko no mu muryango w'abashakanye cyangwa n'umugari, amagambo ni yo agira uruhare runini mu kuwubaka cyangwa kuwusenya.

Aho guhangana n'amagambo yagiye hanze, biba byiza gusesengura ibivugwa n'ingaruka bishobora kugira, kabone n'ubwo byaba bifite aho bihurira n'ukuri cyangwa se ari ukuri.

# Abakoloni bambuye umuryango mugari inshingano zo kurera abana- Rutaremara



**Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngishwanama rw'Inararibonye Hon Tito Rutaremara**

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngishwanama rw'Inararibonye Hon Tito Rutaremara, yerekanye uko Abakoloni mu Rwanda bambuye ububasha Umuryango Mugari wahoranye bwo kurera abana buharirwa ababyeyi bababyara gusa, none byatumye benshi batagira uburere bukwiye kugeza n'ubu.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 30 Ukuboza 2025, mu kiganiro yahaye abitabiriye Inama Nyunguranabitekerezo ku bijyanye no kubaka umuryango utekanye.

Ni inama yitabiriwe n'abayobozi mu nzego zitandukanye za Leta zifite mu nshingano umuryango kimwe n'abari muri sosiyete sivile ndetse n'urubyiruko.

Rutaremera yavuze ko imyaka ya 1950-1960 yari imyaka y'urubyiruko, aza kuba umwarimu ndetse n'Umuyobozi Mukuru mu nzego zitandukanye z'u Rwanda.

Yagaragaje ko muri icyo gihe umwana yahabwaga uburere n'abagize umuryango mugari akomokamo, ariko ubwo buryo Abakoloni bagiye babusenya kugeza ubwo urugo rw'abashakanye rwisanga ari rwo rurera uwo mwana gusa.

Ati: "Kera umuryango wari umuryango mugari, ubu uyu munsi icyo tuvuga ni urugo, rwashyizweho n'abapadiri n'abakoloni ."

Yavuze ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu kwandika Itegeko Nshinga rishya ry'u Rwanda, hatekerejwe kwandika urugo aho kwandika umuryango basanga bitazumvikana neza.

Ati: "Ubundi urugo si wo wari umuryango w'Abanyarwanda kera. Icyo gihe tukiri abana habaga igitaramo, Sogukuru ari aho akagira ibyo avuga ukabyumva".

### Muri iki gihe abana barerwa n'ikoranabuhanga n'abayaya

Rutaremara avuga ko abana babyiruka muri iki gihe batakiganira n'abakuru ngo bagire ibyo babasobanurira ahubwo bakisunga imbuga za murandasi, abandi na bo bakarerwa n'abakozi bo mu ngo akenshi na bo baba barataye imiryango batabonyemo uburere.

Ati: "Umwana aho kubaza sekuru, abaza 'google'. Ubu twinjiye mu bwenge buhangano (AI). Umwana umubaza igisigo cya Ruganzu akajya kubaza google."

Yavuze ko abarimu ku mashuri ari bo bamarana igihe kirekire n'abana aho umwarimu ku mpuzandengo amarana na we igihe kiva ku myaka 3 kugera ageze ku myaka 24 [kuva atangiye ay'inshuke kugeza arangije Kaminuza].

Yavuze ko mu gihe abana biyambaje ikoranabuhanga atari bo babarwaho amakosa kuko nta bantu babasobanurira amateka ahagije.

Yerekanye ko no mu mashuri kenshi bigishwa ibyo mu mahanga ibyo mu Rwanda bigahabwa umwanya muto.

Ati: "Umwana ajya gushakisha ikirunga kirekire mu Rwanda kurusha ibindi akajya kubaza google. [...] Ariko muzarebe umuntu wigisha Ndi Umunyarwanda, nimugoroba aragenda afite umwana we wiga Icyongereza, uzi n'Igifaransa cyinshi. Yamujyana mu mashuri akamujyana muri porogaramu ya Cambridge, none ko hari porogaramu y'u Rwanda kuki itatezwa imbere?"

Yakomeje agira ati: "Abarimu n'abandi baratanga ubumenyi, ababyeyi ntibakiboneka, abana mwabasigiye abayaya (abakozi bo mu rugo), ababyeyi bo mu cyaro baba bagiye guhinga no gushakisha ibindi. Kera uwo mwana yasigaranaga na nyirakuru, nyiransenge, agasigarana na benewabo, kuko umuryango icyo gihe wari umuryango, ariko uyu munsi ni urugo, urugo rwahimbwe n'abapadiri n'abakoloni ruba umuryango."

Abitabiriye inama bose bagaragaje ko bikwiye ko hashyirwaho ingamba zitandukanye mu kwimakaza uburere bunoze bw'abana.

Hari Adepite kandi bavuze ko abagiye gushinga ingo na bo bakwiye kwegerwa n'inzego zitandukanye mu guharanira ko umuryango utekana bityo n'uburere bw'abana bukitabwaho.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire (GMO), Umutoni Nadine Gatsinzi yavuze ko hakwiye gushyirwaho itorerero rihuriweho n'abagize umuryango kugira ngo haganirwe ku guteza imbere uburere bw'abana bazavamo abayobozi b'ejo hazaza.

Ati: "Hari ibibazo by'abana baterwa inda byiyongera kandi ababikorerwa ni abakobwa, bikozwe n'ab'igitsina gabo. Dukwiye kuzana abagabo na bo muri uru ruganda gute kandi na bo bakagira uruhare mu muryango muri rusange?"

# Iby’ingenzi byaranze urwego rw’ubuhinzi n’ubworozi mu 2025



Kuvugurura urwego rw’ubuhinzi n’ubworozi biratanga umusaruro

NYIRANEZA Judith

***Urwego rw’ubuhinzi n’ubworozi rufatiye runini ubukungu bw’Igihugu kuko muri rusange ubuhinzi bwazamutseho 10% bugira uruhare rwa 1,5% ku musaruro mbumbe wose w’igihugu. Mu mwaka wa 2025, hakaba hari ibikorwa by’ingenzi byagezweho muri urwo rwego.***

Umusaruro w’ibihingwa ngandurarugo wiyongereyeho 4%, mu gihe umusaruro w’ibihingwa ngengabukungu wiyongereyeho 35%, ubworozi bwiyongeraho, naho uburobyi bwiyongereyeho 34%.

***Inama z’ingenzi zabaye ku buhinzi n’ubworozi***

*Mu nama* ku kwihaza mu biribwa muri Afurika (Africa Food Systems Summit – AFS) yabereye i Dakar muri Senegal, muri Nzeri 2025, yahuje Abakuru b’Ibihugu bitandukanye n’abandi bayobozi, Perezida Paul Kagame yakomoje ku buryo Ikigega Ireme Invest kiri mu bikomeje gufasha mu mavugurura u Rwanda rukomeje mu ruhererekane rw’ubuhinzi n’ibiribwa.

Ireme Invest ni ikigega gikorera mu bice binyuranye by’u Rwanda cyatangijwe na Perezida Kagame mu kwezi k’Ugushyingo 2022, kikaba gikora nka Banki yimakaza kubungabunga ibidukikije (Green Bank).

Mu kwezi k’Ugushyingo 2025, *habaye inama* mpuzamahanga y’iminsi itatu yateraniye i Kigali kuva ku itariki 30 Nzeri 2025, yateguwe n’Ihuriro rya 6 ry’abahinzi muri Afurika y’Iburasirazuba (EAFF).

Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi, MINAGRI, yagaragaje ko ubuhinzi butunze Abanyarwanda ari ubukorerwa ku butaka buhujwe bityo bugasagurira n’isoko.

Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi yatangaje ko ubutaka bwahujwe akenshi abantu usangamo ari abibumbiye mu mashyirahamwe n’ingaga, usanga bafite ibyanya binini bihingwa, bakagira umusaruro munini kandi utubutse kuko bize ikintu cyo kwifatanya bagakorera hamwe, bakagabanya ikiguzi cyo guhinga.

U Rwanda rwemerewe miliyari 1,4 Frw yo kwagura imishinga 2 y’ubuhinzi na Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB) y’inkunga y’amadolari y’Amerika 995.000, azifashishwa mu kwagura umushinga wa ‘Gabiro Agribusiness Hub’ n’uwo gukonjesha umusaruro wa ‘Kivu Cold Group’.

Guverinoma y’u Rwanda yashoye miliyoni 118 z’amadolari y’Amerika mu cyiciro cya mbere cy’Umushinga Gabiro Agribusiness Hub cyatangiriye kuri hegitari 5 600 ziherereye mu Mirenge ya Rwimiyaga na Karangazi mu Karere ka Nyagatare.

Habaye imurikabikorwa ry’ubuhinzi n’ubworozi ku nshuro ya 18, ribera ku Mulindi, mu Karere ka Gasabo kuva tariki ya 18 Kamena kugeza tariki ya 27 Kamena 2025, ryitabiriwe n’abamurika ibikorwa basaga 500.

Ryari rifite insanganyamatsiko igira iti ‘Duteze imbere guhanga ibishya n’ishoramari, nk’inkingi z’Ubuhinzi n’Ubworozi bidahungabanywa n’ibihe’.

**Urwego rw’ubuhinzi n’ubworozi mu bipimo mu 2024/2025**

***Inyongeramusaruro***

Ku bijyanye n’inyongeramusaruro, Ifumbire yose yakoreshejwe ingana na Mega toni 110,691.2.

Iyo fumbire ikaba igizwe n’icyigereranyo cy’ikoreshwa ry’ifumbire mvaruganda cyageze kuri kilogarama 73.2 kuri hegitari mu mwaka wa 2024/2025, intego ni ukugera kuri kilogarama 94.6 kuri hegitari mu 2029.

Hakoreshejwe ishwagara ifasha kugabanya ubusharire bw’ubutaka ingana na Mega toni 16,762.2.

Abahinzi bakoresheje imbuto ingana na Mega toni 6,068.5 z’imbuto z’indobanure, zigizwe na Mega toni 5,653.1 z’ibigori, Mega toni 145.1 za soya na Mega toni 269.9 z’ingano

***Ubutubuzi bw’imbuto***

Imbuto zatuburiwe mu gihugu zigizwe n’ibigori aho imbuto shingiro ari Mega toni 52,7 naho imbuto yemewe ikaba Mega toni 6,220.

Ingan**o zo i**mbuto shingiro ni Mega toni 42,8 mu gihe imbuto yemewe ari Mega toni 492,6

Gutubura **i**mbuto ya Soya, imbuto shingiro ingana na Mega toni 39 naho imbuto yemewe ni Mega toni 297,5

Umuceri hatubuwe imbuto shingiro ingana na Mega toni 30,5 n’imbuto yemewe ingana na Mega toni 684,2

Ibirayi mu mwaka wa 20024/20205, hatubuwe **i**mbuto shingiro ingana na Mega toni 5 100 naho imbuto yemewe ikangana na Mega toni 7 920.9.

Ku myumbati imbuto yo mu rwego rwa QDS (Quality Declared Seed – Imbuto yemejwe nk’iyujuje ibisabwa ni ingeri 124 244 000

Hatubuwe imbuto shingiro y’ibishyimbo ingana na Mega toni 48,5 naho imbuto yemewe ni Mega toni 361,02.

***Ubuso bwuhirwa***

Ubuso bwuhirwa mu Rwanda buriyongera cyane, bikorwa hagamijwe kwihaza mu biribwa no guteza imbere ubuhinzi, bwavuye kuri hegitari 52 175 mu 2017 bugera kuri hegitari 74 375 mu 2024, biteganyijwe ko buzagera kuri hegitari 132 171 mu 2029.

Ni ibikorwa bigirwamo uruhare binyuze mu mishinga minini nka CDAT, hongerwaho ubuso mu bishanga no ku misozi, ku bufatanye n’abaterankunga nka Banki y’Isi, Howard Buffett u Bushinwa mu guteza imbere ubuhinzi burambye.

***Ubwishingizi ku bihingwa n’amatungo***

Muri gahunda y’ubwishingizi, mu 2019, yo gushyira ibihingwa n’amatungo mu bwishingizi abayitabiriye bageze kuri 356 349, ku bihingwa ni abahinzi 307 593, naho ku matungo ni aborozi 48 756.

Mu mwaka wa 2024/2025, hishingiwe ubuso bugera kuri hegitari 37 034 zahinzweho ibihingwa birimo umuceri, ibigori, ibirayi, soya, ibishyimbo, imiteja, imyumbati n’urusenda.

Hishingiwe inka 53 125 n’amatungo magufi agera kuri 387 673 agizwe n’ingurube 15 661, n’inkoko 372 012 ndetse haniyongereyeho ubwishingizi ku bworozi bw’amafi, hakirimo kunozwa ingano y’uruhare rw’umworozi ku kiguzi cy’ubwishingizi ku ifi imwe.

Mu rwego rw’ubuhinzi, ikigamijwe ni ugukomeza kuzamura ikigero cyo kwihaza mu biribwa mu buryo burambye, bikazava kuri 79,6% byariho mu 2024 bikagera ku 100% mu 2029.”





# Iby’ingenzi byaranze ibikorwa bya Polisi y’u Rwanda mu 2025

KAYITARE Jean Paul

***Umwaka wa 2025, kuri Polisi y’u Rwanda nk’urwego rufite inshingano y’ibanze yo gucunga umutekano w’abaturarwanda n’ibyabo, waranzwe n’ibikorwa byinshi bitandukanye bigamije gushimangira umutekano mu gihugu hose, kubaka icyizere mu baturage n’uruhare rufatika mu guteza imbere ubukungu n’imibereho myiza yabo.***

Hibanzwe ku gukumira ibyaha, kubungabunga umutekano mu bufatanye n’abaturage no kwita ku mutekano wo mu muhanda, kurengera ibidukikije no kubungabunga amahoro, hashyirwa n’imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga byatumye serivisi zirushaho kunozwa no kugezwa mu ngeri zose z’ubuzima bwa buri munsi.

**Gukumira ibyaha, ubufatanye n’abaturage no kurwanya ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge**

Raporo yakozwe mu mpera z’uyu mwaka igaragaza ko mu mezi 12 ashize, igabanyuka ry’ibyaha muri rusange ringana na 15.7% ugereranyije no mu mwaka wa 2024, bitewe n’ingamba zashyizweho zijyanye no kurwanya ibyaha n’uruhare rw’abaturage mu kwicungira umutekano.

Polisi y’u Rwanda yashimangiye umubano n’abaturage binyuze mu mikoranire. Gahunda y’ibikorwa bigamije guteza imbere imibereho myiza y’abaturage (COP 2025), byakozwe mu bufatanye bwa Polisi n’ingabo z’u Rwanda mu kwizihiza Kwibohora ku nshuro ya 31 n’imyaka 25 y’imikoranire ya Polisi n’abaturage, yafashije imiryango irenga igihumbi itishoboye.

Muri ibyo bikorwa byibanda ku buvuzi, kubungabunga ibidukikije, kubaka ibikorwa remezo, ubworozi no kubakira imiryango itishoboye, hirya no hino mu gihugu; havuwe abaturage 41 868, hubakwa n’inzu 70 zashyikirijwe imiryango itishoboye.



Polisi y’u Rwanda yakoze ibikorwa byinshi bitandukanye mu 2025

Hubatswe ibiraro 13 bizafasha abaturage mu buhahirane n’imigenderanire, ingo mbonezamikurire (ECDs) 10, hafashwa n’amakoperative 33 y’abavuye mu bigo ngororamuco hagamijwe kubafasha guhanga imirimo no guteza imbere imibereho yabo mu gihe abatwara abagenzi kuri moto 400 bahawe amajile nk’umwambaro ubaranga wo kwifashisha n’ibindi bikorwa bitandukanye.

Ingo zirenga 100 zahawe ingufu z’amashanyarazi akomoka ku mirasire y’izuba, amazi meza agezwa ku zirenga 3 000.

**Umutekano wo mu muhanda n’ubukangurambaga bwo kurwanya impanuka**

Hakomeje ubukangurambaga bw’umutekano wo mu muhanda “Gerayo Amahoro,” bwongera no gutangizwa mu isura nshya hitswa ku nshingano zisangiwe mu bakoresha umuhanda ku nsanganyamatsiko igira iti: “Turindane, Tugereyo Amahoro.”

Mu gutangiza ubu bukangurambaga ku nsanganyamatsiko nshya mu Karere ka Rubavu, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y’u Rwanda (IGP), CG Felix Namuhoranye yibukije abatwara ibinyabiziga inshingano zabo z’ibanze anabashishikariza gufata iya mbere mu guharanira umutekano w’umuhanda.

Yagize ati: “Ubuzima bw’abo mutwaye buba buri mu biganza byanyu, kandi baba bari muri gahunda yo gukorera no guteza imbere imiryango yabo iba ibategereje. Mujye mubiha agaciro mwubahirize amategeko kugira ngo murinde ubuzima bwanyu n’ubwabo.”

Muri ubwo bukangurambaga Polisi y’u Rwanda yagiye ifatanya n’Inzego z’ibanze n’abandi bafatanyabikorwa batandukanye mu gukangurira abaturage kugira uruhare mu kubumbatira umutekano wo mu muhanda.

**Mu kubaka ubumwe bw’igihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside**, mu mezi 12 ashize, Polisi y’u Rwanda yagize uruhare muri gahunda zo kwigisha no kwimakaza ubumwe n’inshingano mboneragihugu ndetse n’ibikorwa byo kwibuka mu rwego rwo guhangana n’amacakubiri n’ingengabitekerezo ya Jenoside.

**Ubuyobozi n’ubufatanye mu gucunga umutekano mu Karere no ku rwego mpuzamahanga**

Umwaka wa 2025 uzibukwa nk’umwaka Polisi y’u Rwanda yakiriye Inteko rusange ngarukamwaka (AGM) y’Umuryango uhuza abayobozi bakuru ba Polisi mu Karere k’Afurika y’Iburasirazuba (EAPCCO), hakanashyirwa umukono ku masezerano y’ubufatanye n’inzego z’umutekano mu bihugu bitandukanye birimo Djibouti, Nigeria, Singapore n’u Butaliyani nyuma y’ibiganiro byahuje intumwa z’izo nzego n’iza Polisi y’u Rwanda.

Afungura ku mugaragaro inteko rusange ya 26 y’Umuryango EAPCCO yabereye i Kigali muri Mutarama, Minisitiri Biruta yavuze ko ari urubuga rutanga ubutumwa bukomeye ku dutsiko tw’abanyabyaha, bubihanangiriza ku migambi yabo mu karere no hanze yako.

Ibi bikorwa by’ubufatanye byibanda ku gusangira amakuru, amahugurwa ahuriweho no guhuza ingamba, bishimangira uruhare rw’ubuyobozi bw’u Rwanda mu kubungabunga amahoro n’umutekano mu karere n’ubufatanye mpuzamahanga.

**Gutanga umusanzu mu bikorwa byo kubungabunga amahoro n’umutekano hirya no hino ku isi**

Polisi y’u Rwanda yakomeje kohereza abapolisi basimburana mu butumwa bw’umuryango w’Abibumbye bwo kubungabunga amahoro, muri Repubulika ya Santrafurika (MINUSCA), muri Sudani y’Epfo (UNMISS) ndetse no mu bikorwa by’inzego z’umutekano z’u Rwanda (RSF) byo kurwanya ibitero by’iterabwoba muri Mozambique, aho kuri ubu muri ibyo bikorwa byose hari abapolisi barenga 2300.

Polisi y’u Rwanda yitabiriye amarushanwa ahuza inzego z’umutekano ku ikoreshwa ryihariye ry’intwaro n’amayeri rizwi nka ‘SWAT challenge’ mu rurimi rw’icyongereza ribera i Dubai muri Leta Zunze Ubumwe z’Abarabu n’ahandi.

**Mu kongera ubushobozi no kwimakaza umutekano ushingiye ku baturage,** abapolisi bo ku rwego rwa ofisiye bato basaga 500 n’abapolisi bato hafi 2 000 basoje amahugurwa abinjiza mu kazi.

**Umutekano w’ahabera ibirori bikomeye n’uruhare rw’abaturage**

Binyuze muri gahunda za siporo, ibitaramo n’inama bihuza abantu benshi, Polisi y’u Rwanda yifatanya n’abaturage, muri ibyo bikorwa rusange, urugero nka shampiyona y’umukino w’amagare ku isi (UCI 2025), yabereye mu Mujyi wa Kigali muri Nzeri kandi igenda neza mu mutekano usesuye.

Polisi y’u Rwanda yashimangiye ko uburyo bwiza bwo gucunga umutekano mu Rwanda ari ubushingiye by’umwihariko ku baturage ishinzwe kurinda ubwabo.



Hatangiye gukorwa amavugurura ku myigishirize y'uburinganire kugira ngo bwumvikane neza

# Hatangiye kuvugururwa imyigishirize y'ihame ry'uburinganire

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Uburinganire n'iterambere ry'Umuryango(MIGEPROF), yatangaje ko mu Rwanda hatangiye guhunda yo kuvugurura uburyo bwo kwigisha ihame ry'uburinganire bw'abagabo n'abagore kuko byagaragaye ko iyo gahunda yumviswe nabi hamwe na hamwe.***

Minisitiri wa MIGEPROF Uwimana Consolée, yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 30 Ukuboza 2025, mu Nama nyunguranabitekerezo yagarukaga ku muryango utekanye, yateguwe n'Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP).

Ni inama yitabiriwe n'abayobozi muri za Minisiteri n'izindi nzego za Leta na Sosiyete Sivile, zifite aho zihuriye n'imibereho y'umuryango n'urubyiruko, aho bunguranaga ibitekerezo ku muryango utekanye n'imyitwarire y'urubyiruko ruzavamo abayobozi u Rwanda rwifuza.

Minisitiri Uwimana yashimangiye ko mu miryango hakirimo ibibazo bishingiye ku makimbirane ahanini aterwa n'uko inzego zibishinzwe ziyakemura zititsa cyane ku kiyatera nyir'izina.

Ati: "Ni gahunda yatangiye mu 2017, ariko urebye usanga dukemura aho twabonye byacanye maremare [byakomeye], kubera ko havuzwe iki, tugahita dushyira mu bikorwa, tutabanje gusesengura ngo turebe ikibazo gihagaze gite.

Ushobora kumara imyaka 10, ariko wasubira inyuma ugasanga nta cyo wakoze kubera ko ntabwo uzi uko watangiye."

Yongeyeho ati: "Muri uyu mwaka twatangiye gahunda yo kwigisha ihame ry'uburinganire ariko cyane cyane twifashishije abagabo, bakarushaho kumva no gusigasira ihame ry'uburinganire."

MIGEPROF ivuga ko ubu mu gihugu hose hahuguwe abagera kuri 448, barimo 10 bo muri buri Karere k'u Rwanda n'abandi 10 bo mu mashuri makuru na Kaminuza 15, ari na bo bafasha muri iyo gahunda.

Ati: "Dutegereje kuzakora icyo gikorwa ku buryo bigera ku rwego rw'Umudugudu, twizera ko bizumvikanisha neza iki kintu [ihame ry'uburinganire] cyari kimeze nk'aho kitumvikanye neza."

Imibare y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) yo muri Nzeri 2025, yerekanye ko mu myaka 6 ishize abashakanye bagera kuri 395 bicanye, aho bishwe n'abantu 497, biturutse ku makimbirane yo mu miryango.

RIB ivuga ko ubwo bwicanyi mu miryango buterwa ahanini no kuba abashakanye bagirana amakimbirane batumvikana ku mitungo, abumvise nabi ihame ry'uburinganire ndetse n'ubushoreke.

# Igihe urwego rubishinzwe ruguhagaritse ukwiye guhagarara- SP Kayigi

KAYITARE Jean Paul

***Polisi y'u Rwanda ishami rishinzwe umutekano wo mu muhanda igira inama abatwara ibinyabiziga kubahiriza amabwiriza atangwa n'Umupolisi uri mu kazi ndetse no kubaha ibyapa byo mu muhanda, mu rwego rwo gukumira icyahungabanya umutekano wo mu muhanda.***

Umuvugizi w'ishami rishinzwe umutekano wo mu muhanda, SP Emmanuel Kayigi, avuga ko igihe urwego rubishinzwe ruhagaritse utwaye ikinyabiziga akwiye guhagarara.

Yagize ati: "Ntabwo rero ukwiye guhagarikwa, waba wanyoye, waba utanyoye, amakosa waba ufite yose, igihe urwego rubishinzwe ruguhagaritse ukwiye guhagarara ukisobanura. Impamvu y'ibingibi, ni uko twibutsa Umunyarwanda ko umutekano wo mu muhanda; ari inshingano za buri wese, ni uruhare rwa buri wese ni yo mahitamo yacu."

SP Kayigi avuga ko uhagaritswe ntahagarare, iyo aramutse atabikoze aba ahungabanyije umutekano.

Umunyamaguru na we akwiye kwambuka umuhanda neza yabanje kureba niba nta kibazo ashobora guteza, ndetse n'utwaye ikinyabiziga na we akagenda neza kandi akagendera ku muvuduko wagenwe aho bishoboka.

Akomeza agira ati: "N'uwo muvuduko awugabanye awushyire hasi kubera ko ni umuvundo uba wiyongereye kugira ngo hatagira ikibazo kivuka.

Noheli yagenze neza, turifuza ko n'umwaka twawusoza neza, tugatangira undi neza ubuzima bugakomeza."

Depite Muhakwa Valens, kuri we yumva ko umuntu wateje impanuka, bishobora guterwa n'indi mpamvu irenze n'ubusinzi akavuga ko uwo muyobozi w'ikinyabiziga wenda hari n'umugambi mubi urenze kuba yananyoye yaba afite.

Agira ati: "Kwanga guhagarara ubwabyo ni ikintu kiremereye, rimwe na rimwe uko kwanga guhagarara bitera n'izindi mpanuka zishobora no gutwara ubuzima bw'abantu."

Impanuka zo mu muhanda zikomeje guhitana abatari bake, kuko mu mwaka wa 2024-2025, imwe mu mibare y'ibihano igaragazwa na Polisi y'u Rwanda ku byaha abatwara ibinyabiziga bakoze mu muhanda, abantu 409 148 barengeje umuvuduko batwaye ibinyabiziga, mu gihe 94 843 bafashwe batwaye imodoka barangaye.

Ni imibare kandi yerekana ko abantu 9 169 bafashwe batwaye imodoka basinze, 6 525 bafatwa batwaye ibinyabiziga bidafite ubwishingizi, 6 525 bafatwa batwaye imodoka nta ruhushya rwo gutwara ibinyabiziga bafite.

Ku rundi ruhande abatwara moto 19 746 bafashwe bishe amategeko y'umuhanda mu gihe 55 291 by'abatwaye amagare batubahirije amategeko y'umuhanda.

Impanuka zo mu muhanda nazo zikomeje kwiyongera kuko guhera mu 2022 kugeza mu Ukwakira 2025, habayeho impanuka 41 164 zahitanye abantu 2 907.

Nko mu 2022 habayeho impanuka 8 660 zaguyemo abantu 676, mu 2023 haba impanuka 9 995 zigwamo abantu 761, mu 2024 habaho impanuka 12 189 zigwamo abantu 751 mu gihe mu 2025 hamaze kuba impanuka 10 320 zaguyemo abantu 719.



Abatwara ibinyabiziga basabwa kubahiriza amabwiriza atangwa n'Umupolisi uri mu kazi





# Iby'intambara yiswe 'Kanyarwanda', uko Tshisekedi yasubije Congo u Bubiligi - Dr. Balinda



Umuvugizi wungirije wa M23 mu bya politiki, Dr. Oscar Balinda

KAYITARE Jean Paul

***Ikiganiro cyihariye Umuvugizi wungirije wa M23 mu bya politiki, Dr. Oscar Balinda, yagiranye na Imvaho Nshya yagarutse ku ngingo zitandukanye zirimo n'intambara yiswe 'Kanyarwanda' mu 1964 na yo yari igamije kwibasira Abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda.***

Yanakomoje ku butegetsi bwa Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo bwasubije igihugu mu maboko y'u Bubiligi bwahoze bukolonije Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mbere y'imyaka ya 1960.

Avuga ku ntambara Ihuriro AFC/M23 ikomeje kurwana mu Burasirazuba bwa Congo, Dr Balinda yavuze ko ikigamijwe atari ugufata ibice, ahubwo ko byatewe n'impamvu zitabaturutseho zigatuma bisanga mu bice bituwe n'abaturage bari bamerewe nabi, bityo bakahagera mu buryo bw'ubutabazi.

Ati: "Bo bonyine ni bo bajya bavuga ngo mwarakoze kuza, mwaratubohoye, twari tumerewe nabi, twaricwaga, twarotswaga, twararibwaga."

Ahamya ko abaturage batotejwe kandi ko umutekano mu Karere wahungabanye cyane kuva mu 1994, aho abajenosideri bambutse umupaka, bagahabwa rugari mu butegetsi bwa Congo. Bamaze imyaka 30 bakiyobora, na magingo aya ngo inzego zose zo muri Kinshasa ni bo baziyobora.

Inama y'i Berlin yabaye mu 1885 yasize hashyizweho imbibi bityo umurongo waciwe utuma Byahi y'u Rwanda na Byahi ya Congo utandukanya abavandimwe.

Ashimangira ko ibirunga bya Nyiragongo byasigaye muri Congo mu gihe nta rurimi na rumwe ku Isi rufite akabimbura 'Nyiri' uretse ururimi rw'ikinyarwanda.

Akomeza agira ati: "Aho turwanira hose ni gakondo yacu, ubu twe intambara turwana n'impamvu dufite, ni ugushaka kugarura amahoro n'umutekano muri ibyo bice, interahamwe na EX-FAR zagezemo zikangiza ibintu byose.

Twe turashaka ko zisubira iwabo, natwe impunzi zacu zigataha zigasubira muri gakondo yazo. FDLR, umutwe ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni ikibazo gikomeye cyane."

Ubuyobozi bwa M23 buhamya ko iyo FDLR itaba mu gihugu cyabo, ibibazo by'abanyekongo bari basanzwe bafite uburyo babikemuramo.

Urugero rutangwa ni urw'igihe Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo yabonaga ubwigenge mu 1960, nyuma y'imyaka 4 ni ukuvuga mu 1964, haba intambara yiswe 'Kanyarwanda', ikibazo cyari hagati y'Abanyekongo gikemurwa na bo ubwabo.

Agira ati: "Mu 1964 habayeho intambara yitwaga Kanyarwanda, ni ukuvuga intambara yo kwirukana Abanyarwanda ariko icyo gihe ibibazo twaricaye turabikemura nk'Abanyekongo turongera turabana.

Byarabaye muri Kivu y'Amajyaruguru, haba Kanyarwanda no mu Banyamulenge iriya mu Minembwe, haba icyitwa 'Murere' nabyo bishaka kubirukana rwose, bakijijwe n'uko bishyize hamwe bagira ikintu cyitwa Bagiriye 'Guerriers bisobanuye Abarwanyi' ari yo Twirwaneho ya mbere muri uwo mwaka wa 1964."

Nubwo batabayeho nk'abandi Banyekongo bose ariko ngo bashoboye kubaho, batera imbere. Dr. Oscar Balinda avuga ko we ubwe yihereyeho yize muri Kaminuza ya Congo kuri buruse ya Leta, aho indege yamuvanaga i Goma ikamugeza i Lubumbashi agakomereza i Kinshasa indege yishyuwe na Leta, babaho nk'abandi banyekongo bose.

Ati: "Byaje kongera kwangirika uwayoboraga witwaga Mobutu, noneho akagira amabwire y'ubutegetsi bw'u Rwanda bw'icyo gihe, ati bariya bantu banyangire. Akajya mu matwi ya Mobutu atangira kumwoshya ngo yange ba runaka.

N'amashyirahamwe yitwa za MAGRIVI (Mouvement des Agriculteurs de Virunga) batangira gucengeza za ngengabitekerezo zo gutandukanya abantu."

Akomeza agira ati: "Interahamwe na EX-FAR zigeze ino zumvisha Abahutu bari ino ba Congo ko bagomba kutwanga twebwe, batwahukamo icyo gihe, baratwica, abacitse ku icumu ni bo bashoboye kwambuka bari mu nkambi mu Rwanda."

Ihuriro AFC/M23 icyo rigamije ni ubumwe kandi ubwo bumwe n'ubwiyunge bugatangirira mu nzu by'umwihariko mu bo bavuga rumwe, bakamenya n'uruhare rwabo baje gutanga ku muryango w'Abanyekongo.

Iri huriro rifitiye icyizere amasezerano ya Doha biturutse ku ntambwe ishimishije imaze kugerwaho. Tariki 19 Nyakanga 2025 hashyizwe umukono ku masezerano fatizo agamije kugarura icyizere cyuzuye hagati y'abari mu biganiro.

Ku itariki 14 Nzeri 2025 hashyirwa umukono ku masezerano agamije kurekura imfungwa kandi ngo kugeza ubu biri mu maboko y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe ubutabazi (CICR) kandi izatanga raporo.

Dr. Balinda akomeza agira ati: "Iyo hari ibiganiro hari byinshi bishobora kugerwaho kuko mu kwezi k'Ukwakira uyu mwaka twasinye amasezerano y'agahenge [...] hari ikibazo cy'ubushake buke mu ruhande rumwe rw'abaganira ariko umunsi kizaboneka, ibintu bizihuta."

Ku ruhande rwa AFC/M23, hari byinshi byakozwe mu rwego rwo gushyira mu ngiro ku biganirwaho i Doha. Dr. Balinda ashimangira ko ingabo 1 400 za Leta ya Congo zari zifungiye mu kigo cya MONUSCO mu Mujyi wa Goma, zaherekejwe zigashyikirizwa ingabo za Leta mu bice zagenzuraga bigizwemo uruhare na CICR.

Mu kugaragaza ubushake bwo gushyira mu bikorwa amasezerano ya Doha, Umuvugizi wungirije wa M23 mu bya Politiki, atanga urugero rw'uko M23 yafashe Umujyi wa Bunagana muri Kivu y'Amajyaruguru ku itariki 13 Kamena 2022, igasaba Leta ko bagirana ibiganiro ariko igaterera agati mu ryinyo.

Agira ati: "Tukimara gufata Bunagana twatelefonnye Kinshasa, urumva bariya twari dusanzwe tuvugana, na Perezida Tshisekedi agifata ubutegetsi twoherejeyo intumwa, zimara umwaka umwe n'igice, ... ariko twe icyo dushyize imbere ni ibiganiro.

Twaramubwiye tukimara gufata Bunagana, twe ntabwo dukeneye Bunagana. Gufata Bunagana byarabarwaje kuko ni ahantu bakuraga amafaranga menshi, yari inzira yanyuzwagamo amabuye y'agaciro kandi ntabwo bari bazi ko izo mbaraga twazibona. Twaravuze ngo mureke tujye ku meza y'ibiganiro, turahabasubiza.

We wenyine (Perezida Tshisekedi) afata indangururamajwi ati, nkiri muzima, nkifite umwuka w'abahumeka ntabwo nzigera nicarana namwe ku meza y'ibiganiro, ubu turi he? Burya guhozaho ni byo byangombwa n'ibindi tuzabigeraho."

KOMEZA KU RUP.12

# Iby'intambara yiswe 'Kanyarwanda', uko Tshisekedi yasubije Congo u Bubiligi - Dr. Balinda

IBIKURIKIRA URUP.11

**Ubutegetsi bwa Kinshasa bwasubije igihugu u Bubiligi**

Umuvugizi wungirije wa M23 mu ishami rya politiki, Dr. Oscar Balinda, yabwiye Imvaho Nshya ko nyuma y'aho Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo iboneye ubwigenge mu 1960, ubutegetsi bwa Perezida Tshisekedi bwahisemo kongera gusubiza igihugu abagikolonije.

Abihera ku kuba intwaro zirimo gukoreshwa mu ntambara yo mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo ndetse n'amabwiriza y'ibyo igihugu kigomba kugenderaho bitangwaho umurongo n'Ububyobozi bukuru bw'u Bubiligi.

Ati: "Muri Kamanyola na Gatogota bari bafite ibikoresho byinshi bimwe byanatanzwe n'igihugu cy'u Bubiligi, bimwe twabifashe bikiri mu dusanduku. U Bubiligi bwabahaye ibikoresho, bimwe twabisanze mu ishuri hariya i Ruvungi bigifunze.

Indi mpamvu nyamukuru ni uko Perezida Tshisekedi akigera ku butegetsi, yafashe Congo ayisubiza u Bubiligi, politiki yose ya Kongo igendera ku mabwire y'u Bubiligi.

Kuba twararwaniye ubwigenge bwa kino gihugu ni nkaho byapfuye ubusa, yaragifashe agisubiza mu maboko ya ba bandi ba Gashakabuhake, ubu twasubiye muri bya bihe byo mu 1958, abantu barwanira ubwigenge."

Dr. Balinda yahamirije Imvaho Nshya ko M23 atari Abanyarwanda nk'uko bikunze kuvugwa n'abanyapolitiki ba Leta ahubwo ko AFC/M23 igizwe n'amoko yose yo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Ashimangira ko Umuhuzabikorwa wa AFC/M23, Corneille Nangaa, akomoka Kisangani, Umuvugizi wa Gisirikare Col. Willy Ngoma aturuka ku nyanja ya Atlantique muri Matadi mu Burengerazuba bwa Congo, Laurence Kanyuka ava muri Kasaï akaba mwene wabo wa Tshisekedi, Umuhuzabikorwa wungirije wa AFC ari na we Perezida wa M23, Bertrand Bisimwa, iwabo ni i Bukavu, ni Umushi.

# Goma: Uko Ubunani bwizihijwe Abanyekongo bunze ubumwe na AFC/M23



Abanyekongo batuye i Goma bishimira ko bizihije iminsi mikuru neza kubera ubuyobozi bw'Ihuriro AFC M23

KAYITARE Jean Paul

***A**batuye Umujyi wa Goma mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru muri Teritwari ya Nyiragongo, barishimira ko bizihije iminsi mikuru bafite umutekano bahawe n'ubuyobozi bw'Ihuriro AFC/M23. Ni mu gihe habura iminsi itageze kuri 30 umwaka ngo wuzure, umutwe wa M23 ugenzura ibice binini mu ntara ya Kivu y'Amajyaruguru.*

Bamwe mu banyekongo bagaragaye kuri Hoteli Serena mu Mujyi wa Goma bari kumwe na Guverineri wa Kivu y'Amajyaruguru, Bahati Musanga Joseph n'abandi banyacyubahiro bo mu Ihuriro AFC/M23. Bari mu birori byo kwishimira umwaka mushya wa 2026.

Abanyekongo baganiriye na Imvaho Nshya bavuze ko bishimira ko iminsi mikuru yagenze neza kandi ko n'abacuruzi babonye abakiliya.

Sudi yagize ati: "Ikilo cy'inyama ya file ni amadolari 10 (14 500 Frw), ikilo cy'inyama y'ikinono ni amadolari 5 (7 250 Frw), ikilo cy'inyama y'iroti ni amadolari 6 (8 700 Frw) naho ikilo cy'inyama zo mu nda ni amadolari 5."

Umwe mu batwara abagenzi kuri moto mu Mujyi wa Goma, yifuriza umwaka mushya muhire bagenzi be b'Abanyekongo.

Ati: "Ahantu hose bari, Abanyekongo bose bumve yuko AFC/M23 yageze muri Goma ije kutubohora, kutuvana mu buyobozi bubi. Turashimira mbere na mbere Guverineri wacu, Bahati Musanga, yaje muri Goma asanga abamotari byari byarazambye cyane."

Mugenzi we na we utwara abagenzi mu Mujyi wa Goma agira ati: "Mbere na mbere turashimira Imana, kubera ko ubu ibintu bimeze neza, tugeranyije n'uko byari bimeze mu myaka yashize hakiri ingabo za FRDC na Wazalendo. Ubu turashimira Imana kuko dufite amahoro mu Mujyi wacu wa Goma."

Jimmy utwara abagenzi mu modoka nto zizwi nka 'Taxi Voiture' yahamirije Imvaho Nshya ko bishimye kandi ko bimeze neza agereranyije n'uko mbere byari byifashe. Avuga ko bakora amanywa n'ijoro mu gihe mbere ari ibintu bitashobokaga.

Abacuruzi mu Mujyi wa Goma bagaragaza ko bafite ikibazo cyo kutabona amafaranga kuko amafaranga akoreshwa, ari azenguruka mu baturage gusa kubera ikibazo cy'amabanki adakora ndetse n'ikibuga cy'indege kidakora ngo bashobore no kwakira amadovise.

Manzi Ngarambe Willy, Visi Guverineri ushinzwe ibijyanye na politiki, ubuyobozi n'amategeko, yatangaje ko ku nshuro ya mbere mu myaka myinshi ishize, Umujyi wa Goma warangije umwaka umwe ugatangira undi nta rusaku rw'amasasu, nta bwicanyi, nta ruswa, nta gufata ku ngufu, kandi nta kavuyo.

Ati: "Ibiciro by'ibicuruzwa biri ku rwego ruto cyane bitigeze bigeraho, umutekano waragarutse, kandi imiryango yongeye kubaho, gukora no kugenda mu bwisanzure. Ibi byagezweho bitewe n'imbaraga za AFC/M23."

Mu bitangaza benshi, Visi Guverineri Manzi Ngarambe yerekana ko AFC/M23 ikomeje kugaragaza ko bishoboka kurinda abaturage byuzuye

Ati: "AFC/M23 yerekanye ko igisirikare gishobora kurinda abaturage aho kubasahura, ko imyitwarire myiza ishobora gusimbura ihohoterwa, kandi ko imiryango ishobora kubaho idafite ubwoba.

Mu bice byabohowe, amoko yose abanye mu mahoro n'ubwumvikane, bigaragaza ko kubana mu mahoro atari inzozi ahubwo ari ukuri iyo ubutabera, umutekano n'icyubahiro byubahirijwe."





# Karongi: Abanyekongo b'impunzi bazindutse bamagana RDC

ZIGAMA Theoneste

***M**u gitondo cyo ku wa Gatanu, Abanyekongo b'impunzi bacumbikiwe mu Nkambi ya Kiziba mu Karere ka Karongi, baramukiye mu myigaragambyo yo kwamagana imvugo z'urwango zikorwa na Leta yabo ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yimakaje ivangura rikorerwa abo mu bwoko bw'Abatutsi.*



Abanyekongo b'impunzi bacumbikiwe mu Nkambi ya Kiziba mu Karere ka Karongi, baramukiye mu myigaragambyo yo kwamagana imvugo z'urwango

Bamwe muri bo bari bafite ibyapa n'ibindi birango bigaragaza ko bababazwa n'uko bamwe mu bayobozi ba RDC bakomeje kumvikana bagaragaza ko Abatutsi ari abo guhohoterwa no guteshwa agaciro.

Abari imbere biganjemo abagore n'abakobwa bamaganye imvugo z'uwari umuvugizi w'Igisirikare cya RDC (FARDC) Gen Ekenge Sylvain, uherutse kuvangura abagore b'Abatutsikazi bo muri RDC, aho yavuze ko gushakana na bo atari byiza ko baza bakuneka cyangwa se abana mubyaranye ntibabe abawe.

Umwe mu bazindukiye mu myigaragambyo, yabwiye Imvaho Nshya ati: "Ariya magambo yaratubabaje rwose kandi turashaka ko yakurikiranwa."

Undi ati: "Twebwe turi ba Nyampinga ntituvangura uwo ari we wese twashakana na we, kandi biriya bazana by'urwango mu bantu ntabwo tubishyigikiye rwose."

Iyo myigaragambyo yakomeje, aho abo banyekongo bavuga ko bazakomeza kwamagana uwo ari we wese wakomeza kwimakaza ivangura rishingiye ku moko cyangwa irindi vangura iryo ari ryo ryose ritandukanya Abanyekongo.

Abenshi muri bo bavuga ko baramutse bagaragaza amajwi yabo kubera akababaro bigaragara ko baterwa n'abayobozi muri Leta irangajwe imbere na Perezida Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, ugasanga ababikora aho guhanwa barahabwa ikaze n'icyubahiro mu nzego z'ubuyobozi.

Umwe ati: "Nubwo uriya Mujenerari bamuhagaritse ku kazi ntibihagije, ahubwo bakwiye kumushakira ibindi bihano kuko ibyo yakoze ntibikwiye rwose."

Banavuga kandi ko igihano cyarangiye ariko ibikomere basigiwe n'amagambo ye bitazapfa gukira mu gihe ubuyobozi bukirebera cyangwa bukorana n'abahezanguni biyemeje kumaraho Abanyekongo b'Abatutsi.

Muri abo bahezanguni harimo abagize umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Bifuza ko amahanga yagira icyo akora

Katabeshya Vital, umugabo umaze imyaka 30 mu Nkambi ya Kiziba yabwiye itangazamakuru ko atiyumvisha ukuntu Leta yabo ikomeza kwamagana abaturage bayo, kandi igakomeza gukorana n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR.

Yagize ati: "Nk'ubu i Minembwe Abatutsi baragoswe n'Aba FDLR na Mai Mai na Wazalendo, ntibabona icyo kurya kandi ntibabona aho banyura ngo bajye guhaha."

Abo Banyekongo bakomeje kuzamura ijwi bamagana Leta yabo ikomeje kugaragaza ko Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda ari Abanyarwanda, bagahamya ko ntawe ukwiye kubaziza ururimi bavuga.

Umwe ati: "Niba Leta ya Congo igaragaza amagambo y'ubwicanyi amahanga ntakurikirane kandi ari ay'ubwicanyi ntabwo natwe tuba twishimye bitewe n'ubu buhunzi turimo. Amahanga akwiye kugira icyo akora rwose bigahagarara."

**Guhagarika Gen. Ekenge ni ukujijisha**

Umuyobozi w'Inkambi ya Kiziba, Nsengamungu Abel Méthode, avuga ko gutegura urwo rugendo rw'amahoro ari mu buryo bwo kwereka Umuryango Mpuzamahanga ko babangamiwe n'izi mvugo z'urwango zibasira abo mu bwoko bw'Abatutsi.

Yavuze ko nubwo Gen Ekenge yamaze gutangaza amagambo yibasira Abatutsi, agakurwa mu nshingano zo kuvugira Ingabo za Leta ya Congo, bidahagije ahubwo ari uburyo bwo kujijisha.

Yagize ati: "Biriya ni ukujijisha, ntabwo umuntu yajya kuri Televiziyo y'Igihugu, akavuga amagambo ameze kuriya, ari ibintu yitekerereje. Turabizi neza baratwanga ntabwo bakunda Abatutsi, badukunda baba bashyira imbaraga mu kugaragaza ko abahunze babasha gutaha."

Yasabye ko uwo musirikare yahanishwa ibihano bikomeye kuko kuba baramuhagaritse batabonye ubutabera.

Uretse abo Banyekongo mu Nkambi ya Kiziba i Karongi, n'abari mu nkambi za Nyabiheke mu Karere ka Gatsibo, na Mugombwa mu Karere ka Gisagara na bo bamaganye urwango bakorerwa ku wa 2 Mutarama 2026.

Ni mu gihe ku wa Kane tariki ya 1 Mutarama 2026, impunzi z'Abanyekongo mu Nkambi ya Mahama mu Karere ka Kirehe na Kigeme mu Karere ka Nyamagabe, bamaganye urwango n'ihohoterwa Leta ya RDC ikomeje kubakorera.

Kugeza ubu u Rwanda rucumbikiye impunzi z'Abanyekongo zisaga ibihumbi 100 zimaze imyaka isaga 25, aho zahunze umutekano muke ukomeje mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo mu Burasirazuba bwa RDC.

# Karangazi: Barashimira Perezida Kagame ubatangije umwaka abahaye amazi



Abaturage bishimiye ko bagejejweho amazi meza

HITIMANA Servand

***Abandi baturage bo mu Kagari ka Musenyi, Umurenge wa Karangazi, Akarere ka Nyagatare, barashimira ubuyobozi burangajwe imbere na Perezida Paul Kagame bubatangije umwaka wa 2026 bubagejejeho amazi meza.***

Abo baturage begerejwe amavomo, baje bakurikiye abandi bo muri ako Kagari bayegerejwe mu mwaka wa 2024, bose bakaba baragize amahirwe yo kurokoka ingorane bakuraga ku gukoresha amazi yanduye bavomaga mu madamu.

Bavuga ko bagiye gutangira umwaka bagejejweho amazi meza akururwa ku isoko hifashishijwe ingufu z'imirasire y'izuba, ndetse ko imyaka myinshi bamaze batuye i Musenyi bagiye bagorwa no kutagira amazi.

Ibi ngo byabagiragaho ingaruka nyinshi zirimo imvune no kutagira isuku ihagije, bakaba bashima ko uyu mwaka wa 2026, ubasanze iki kibazo kibonewe igisubizo kuko bagejejweho amazi.

Uwamahoro Adeliphine, yagize ati: "Twavomaga amazi mabi yo mu idamu. Uzi kunywa amazi n'inka zishotsemo. Ni amazi yasaga nabi ariko kuko byari amaburakindi nta kundi twarayavomaga. Uyu munsi rero twabonye amazi meza kandi turabishima. Baratudabagije rwose.

Kankundiye Consolata na we yagize ati: "Turashima ubuyobozi bw'Igihugu cyane Umukuru w'Igihugu waduhaye umwaka mushya atugezaho amazi meza. Twakiranye impanuro ze twagejejweho n'Umuyobozi w'Intara, aho yatugaragarije ko adukunda kandi arajwe ishinga n'uko tugira ubuzima bwiza."

Sikubwabo Ezechiel na we agira ati: "Najyaga kuvoma mu Karere ka Gatsibo. Uyu munsi ndashima ko nagerejwe amazi mu rugo. Ni amazi ahoraho ntituzajya tuyabura kuko ava ku isoko. Turashima ubuyobozi bw'Igihugu buduhaye umwaka mushya baduha amazi."

Kwizera Christella, Umuyobozi w'Umuryango Water Access Rwanda wagejeje amazi meza kuri abo baturage, yavuze ko ibyo bikorwa bizakomeza hibandwa ku baturage batuye mu Midugudu itagerwamo amazi mu bice bya Karangazi na Rwimiyaga.

Ati: "Tumaze kugeza amazi meza ku baturage bagera ku bihumbi 86. Tubona ko abayakeneye ari benshi aho tugiye kongera kubaka amasoko abiri azadufasha kongera amazi dutanga."

Umuyobozi w'Intara y'Iburasirazuba Rubingisa Pudence, ashimira abagize uruhare mu kugeza amazi ku baturage, asaba ubufatanye mu kurinda iki gikorwa remezo.

Ati: "Amazi ni ubuzima. Turacyafite ikibazo cy'ibice bitaragezwamo amazi, ariko dushima cyane Water Acces Rwanda ku kuba bamaze kugeza amazi ku mubare munini w'abaturage bavomaga amazi mabi. Ibi biratima abaturage bacu barushaho kubaho neza duhure dutekereza ibindi twakora biduteza imbere."

Akomeza agira ati: "Turasaba abaturage bagejejweho ibikorwa nk'ibi, kubifata nk'ibyabo bakabirinda. Amazi ni umushinga utwara ingengo y'imari itari nto, bikongereho ko abaturage baba bayabonye bayakeneye, birinde kwangiza ibikoresho kugira ngo ejo badasubira aho bangaga."

Umuyoboro w'amazi wa Musenyi utanga amazi mu Midugudu ine y'Akagari ka Musenyi itaragerwagamo n'amazi, ni igikorwa cyatwaye miliyoni zisaga 100 z'amafaranga y'u Rwanda.



Abahinzi b'ibigori Nyagisozi urubura rwabateje igihombo

# Musanze: Abangirijwe imyaka n'urubura bagiye kugobokwa

NGABOYABAHIZI Protais

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze bwiyemeje kugoboka no kuba hafi abahinzi bo mu Kagari ka Nyagisozi, Umurenge wa Busogo, bangirijwe n'imvura idasanzwe yaguye irimo urubura rwinshi mu mwaka wa 2025, ikangiza imyaka yabo ku buso burenga hegitari 40.***

Abo baturage bavuga ko iyo mvura yangije bikomeye imyaka irimo ibigori, ibishyimbo, ingano, amashaza n'ibirayi, ku buryo hari aho basanze nta musaruro na muke bazabona.

Ibi byabateye igihombo gikomeye ndetse batangira kugira impungenge z'uko bashobora kuzahura n'ikibazo cy'ibiribwa bike mu minsi iri imbere.

Umwe mu bahinzi bo muri aka gace ka Nyagisozi witwa Habineza yagize ati: "Iyi mvura yaradusenyeye cyane, imyaka yose yarangiritse. Ubu turi mu gihombo gikomeye kandi dutinya ko mu minsi iri imbere twazabura ibiribwa bihagije ndetse n'imbuto yo kongera guhinga. Turasaba ko twatabarwa kuko nta bushobozi dusigaranye."

Umuhinzi w'ibirayi Singirankabo Eulade, avuga ko yari yiteze gusarura toni umunani (8) z'ibirayi, ariko urubura rukangiza umurima we wose. Avuga ko ibi byamugizeho ingaruka zikomeye cyane kuko yari asanzwe afite inguzanyo muri banki yishyuraga akoresheje umusaruro w'ubuhinzi.

Yagize ati: "Nari nizeye ko nzasarura toni 8, nkishyura banki kandi mbone uko nitaho umuryango wanjye nishyurira abana banjye amafaranga y'ishuri none byarangiye. Mfite abana bane, babiri biga muri kaminuza n'abandi babiri mu mashuri yisumbuye. Sinzi uko nzakomeza kubitaho ntabonye ubufasha."

Ruzambirabahizi ni umuhinzi w'ibigori n'ibishyimbo uvuga ko yari yiteze gusarura nibura imifuka ibiri y'ibishyimbo, ariko ubu akavuga ko ashobora kubona ibilo bitarenze 20 gusa. Avuga ko ibi ari igihombo gikomeye kuri we n'umuryango we, akaba asaba ko ubuyobozi bwabafasha kubona imbuto kugira ngo bongere guhinga mu gihembwe gitaha.

Yagize ati: "Nidufashwa kubona imbuto, twakongera guhinga tukizera ejo hazaza. Ubu turi mu bwigunge, kuko turibaza uko bizagenda kuko nta musaruro twiteze."

KOMEZA KU RUP.15





# Nyamasheke: Izuba ryinshi ryarishije nabi Iminsi Mikuru imiryango isaga 1000



Izuba ryinshi ryatumye amwe mu masambu asigara ati intabire

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Imiryango isaga 1000 y'abaturage bigannjemo abo mu Murenge wa Nyabitekeri, Akarere ka Nyamasheke, yinjiye mu Mwaka wa 2026 mu marira kubera izuba ryabaye ryinshi rikumisha imyaka yabo, ahubwo bakaba baratangiye kubona imvura ntacyo bakiramira.***

Umurenge wa Nyabitekeri ni umwe mu Mirenge y'Akarere ka Nyamasheke yahuye n'izuba ryinshi muri iki gihembwe cy'ihinga, kandi uzwi nk'ikigega cy'Akarere by'umwihariko ku bishyimbo, ibigori, ubunyobwa, kawa, soya n'imboga ziganjemo inyanya.

Abawutuye bavuga ko batunguwe no kubura imvura igihe bari bayiteze kuko imyaka bahinze ari bwo yari iyikeneye cyane, maze ibishyimbo bikumagara ndetse n'ibigori bakaba babirandurira amatungo bitaruma burundu.

Ku birebana na soya n'imigozi y'ibijumba, aho byahinzwe hamwe na hamwe hahindutse intabire, ku buryo bibasaba kongera guhinga bundi bushya.

Uwimana Florence uvuga ko Noheli n'Ubunani byageraga yarejeje inyanya nyinshi zamuhaga amafaranga y'u Rwanda arenga 300 000 buri mwero, aravuga ko ubu bifashe mapfubyi.

Ati: "Twifashe mapfubyi pe! Izuba ryakomeje kuba ryinshi, ahubwo imvura iri kugwa ubu imyaka yaramaze kuma. Abahingaga cyane cyane inyanya tugasagurira amasoko, Iminsi Mikuru isoza umwaka ikagera tunezerewe, Iminsi Mikuru ntacyo twahaye abana."

Ashimira ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke n'ubw'Intara y'Iburengerazuba bwabasuye bukabahumuriza nubwo ntacyo kurya burabaha, bakaba bizeye ko bazabafasha nibura abana bagasubira ku ishuri ntihagire uvutswa ayo mahirwe ku bw'ibyago bahuye na byo bishingiye ku mihindagurikire y'ibihe.

Nzabonimpa Fidèle wahinze ibigori agateramo n'ifumbire yari yakuye muri Tubura ku nguzanyo, avuga ko uretse Iminsi Mikuru isoza umwaka, anahangayikishijwe n'aho azakura ubwishyu.

Ati: "Izuba ryaraduhemukiye cyane. Igihe nk'iki cya Noheli n'Ubunani wasangaga twejeje cyane, abaturuka za Kigali, i Kamembe n'ahandi baza kugura ibijumba, isoko rya Bushenge twaryihariye, ibigori, ibishyimbo, ubunyobwa n'indi myaka tuvuga rikijyana. Ariko ubu turashonje pe! Ibyo kuvuga ngo tuzabona icyo tugaburira abana byo twarabyibagiwe. Nanahangayikishijwe bikomeye no kuzabona ubwishyu bwa Tubura."

Mukamana Séraphine wari wahinze soya nyinshi zikumagara n'aho imvura igwiriye mu mpera z'uku kwezi, ikaba ntacyo yasanze, yagize ati: "Ntituzi iby'ubwishingizi bw'imyaka, icyo bisaba ngo tujye tubigeraceza, niduhura n'ibiza nk'ibi ubwishingizi bubutugoboke. Turi aho turarebana n'abana, amarira akagwa nta byiringiro byo kwinjira muri 2026 dutekanye, twarumiwe."

Bavuga ariko ko hari bake babona uturimo mu ikorwa ry'umuhanda Bushenge-Nyabitekeri, ariko kubera ubwinshi bw'abababaye kandi bafite imbaraga ako kazi ntikabakwire.

Banavuga ko bahangayikishijwe no kuzabona indi mbuto mu gihembwe cy'ihinga gitaha, bagasaba kugobokwa kugira ngo bahinge kare barebe icyo bizatanga, byaba ibigori, ibishyimbo, soya n'indi, ariko babonye imirimo bazigama ayo bakuyemo imbuto bakayishakira.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyabitekeri Harerimana Naphtal, avuga ko kugeza ubu hamaze kubarurwa imiryango 1 027 yahuye bikomeye n'ikibazo cy'izuba, imyaka yabo ikumagara, bagenda bagerageza kubashakira ibisubizo byatuma badahura n'inzara.

Ati: "Hari abo duhuza n'amahirwe y'akazi kagenda kaboneka. Abandi, nyuma y'imvura imaze iminsi igwa, turafatanya kureba niba hari ibihingwa byera vuba bahinga ngo bibaramire. Ntitwavuga ko nta kibazo gihari ariko nanone nta byacitse ihari. Turabegera tukabahumuriza, tureba abafite ibibazo kurusha abandi tugakora raporo tukayohereza mu buyobozi budukuriye, ikibazo kiri gukurukiranirwa hafi."

Avuga ko nta muturage uzahungabana cyane kubera izuba ryinshi yahuye na ryo, nyuma y'aho inzego nkuru kugeza kuri Guverineri Ntibitura Jean Bosco, zibasuye zikirebera ikibazo gihari.

Yongeraho ko aya mapfa yabasigiye isomo, ati: "Isomo rya mbere tuhaboneye ni iryo gukangurira abaturage kuzigamira iminsi mibi, ntibibwire ko bazakomeza kweza nka mbere kuko ikirere gitungurana, cyabatungura kigasanga hari icyo bizigamiye."

Akomeza agira ati: "Icya 2 ni ukubakangurira guteganyiriza iminsi nk'iyi iba ishobora kuba mibi bafata ubwishingizi bw'ibihingwa, ni na bwo bukangurambaga turimo. Ikindi ni ugushaka uburyo ku bufatanye n'izindi nzego, hashyirwa imbaraga mu kuhira imyaka aho bishoboka no guhinga imyaka yera vuba.

Ku bibazo by'impungenge z'abanyeshuri bazasubira ku mashuri nta kintu bafite, Harerimana Naphtal yagize ati: "Imiryango ifite icyo kibazo yarabaruwe, hasigaye kuganirwaho n'abagifite n'inzego zidukuriye kigahabwa umurongo kuko si icyafatwaho umwanzuro n'Umurenge gusa."

Izuba ryacanye mu Tugari twose tw'Umurenge wa Nyabitekeri, hakaba n'indi Mirenge ya Kagano, Gihombo na Kirimbi na yo ifite abaturage bahuye n'izuba ryinshi bakeneye ubufasha.

# Musanze: Abangirijwe imyaka n'urubura bagiye kugobokwa

IBIKURIKIRA URUP.14

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze, bwatangaje ko iki kibazo bwacyitwayemo ku buryo bwihariye, kandi ko bwamaze gufata icyemezo cyo kugoboka aba baturage hagamijwe kubarinda inzara n'ingaruka zikomeye zaterwa n'iyangirika ry'umusaruro.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, yemeje ko ubuyobozi bwamaze gutangira kubarura abahuye n'iki gihombo, mu rwego rwo gutegura ubufasha buzabageraho.

Yagize ati: "Iki kibazo twarakimenye kandi twacyitayeho. Imvura yarimo urubura yangije hegitari zirenga 40, kandi ahenshi twasanze nta musaruro uzaboneka. Kuri ubu turimo gukorana n'ubuyobozi bw'Umurenge kugira ngo hakorwe ibarura ry'abahuye n'ingaruka.

Nitumara kubona imibare nyayo, tuzabashakira ubufasha kuko twiyemeje kubaba hafi. Umuturage ni we dushyira imbere, nta mpamvu yo kumureka ngo ahure n'inzara kandi afite igihugu."

Yongeyeho ko ubuyobozi buzanafasha abahinzi kubona ibisubizo birambye, anabasaba kujya bitabira gahunda yo gushyira mu bwishingizi imyaka yabo, kugira ngo mu bihe biri imbere bajye barushaho kwirinda ingaruka z'ibiza zibateza igihombo.

Abaturage bo mu Kagari ka Nyagisozi bavuga ko bishimiye icyemezo cy'ubuyobozi, kandi ko bagifite icyizere ko ubufasha bwasezeranyijwe buzabageraho vuba, bikabafasha kongera kwiyubaka no gukomeza ibikorwa byabo by'ubuhinzi.

# Musanze: Ubwizigame mu matsinda bwababafashije kugera kuri byinshi

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Karere ka Musanze baravuga imyato gahunda yo kwizigamira binyuze mu matsinda, ko yabaye igisubizo gifatika ku bibazo by'amikoro bahuraga nabyo, cyane cyane mu gihe cyo kwishyurira abana amashuri no kwivuza.***

Iyo gahunda ishingiye ku kwishyira hamwe kw'abaturage bakizigamira amafaranga make make, buri munyamuryango atanga umusanzu ungana n'amafaranga 3000, hanyuma bakajya batanga 2000 buri kwezi ariko buri munyamuryango akaba yemerewe gufatamo inguzanyo ku nyungu bumvikanyeho mu gihe cy'umwaka bizigamira ngo bakuyemo inyungu ifatika ibafasha kwikura mu bukene.

Nubwo ayo mafaranga asa nk'aho ari make, uko agenda ahurizwa hamwe mu itsinda agera ku kigero gifatika, ku buryo abanyamuryango bashobora kuyaguza bakungukira hamwe.

Bamwe mu babyeyi bagize ayo matsinda bagaragaza ko byabahinduriye imibereho.

Muhorakeye Egidia ni umwe mu babyeyi batuye mu Karere ka Musanze Umurenge wa Muhoza.

Yagize ati: *"Twari tumenyereye kubona amafaranga y'ishuri ari ikibazo gikomeye. Twafashe icyemezo cyo kwizigamira make make mu itsinda. Uyu munsi, n'ubwo twatangaga 3000 gusa, twageze ku rwego rwo kugabana amafaranga agera ku bihumbi 180, bituma nishyurira abana banjye ishuri nta guhangayika."*

Maniragaba na we aba mu matsinda, ashimangira ko kwizigamira mu matsinda byamuhaye icyizere cy'ejo hazaza.

Yagize ati: *"Twabonye ko kwizigamira turi benshi biturinda gusesagura amafaranga kandi bikadufasha kuyateganyiriza ibikenewe. Ubu abana bacu biga neza kandi twishyura ku gihe."*

Si abizigamiye bose bagira amahirwe yo kubona ibisubizo byihuse nk'uko Ntuyenabo Elias umwe mu baturage wo muri Musanze yemera ko atigeze yinjira mu matsinda yo kwizigamira, avuga ko byamugizeho ingaruka zikomeye.

Yagize ati: *"Mu gihembwe cyashize nagize ikibazo gikomeye cyo kubona amafaranga y'ishuri. Sinari narizigamiye, nta tsinda narimo, bituma mbura aho nyakura. Byatumye umwana atinda gusubira ku ishuri, bituma menya ko kwizigamira ari ingenzi cyane."*

Uyu muturage avuga ko ubu yafashe icyemezo cyo gushaka itsinda akinjiramo, kugira ngo yirinde kongera guhura n'ibibazo nk'ibyo mu bihe biri imbere.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, **Claudien Nsengimana**, yashimye cyane iyi gahunda yo kwizigamira mu matsinda, ayigaragaza nk'inzira ifatika yo guteza imbere imibereho y'abaturage.

Yagize ati: *"Kwizigamira ni umuco mwiza ugomba kuranga buri muturage. Turashimira abamaze kubishyira mu bikorwa kuko bagaragaje ko amafaranga make ashobora kubyara umusaruro munini."*

Yakomeje ashishikariza abaturage bose kwirinda gusesagura amafaranga mu minsi mikuru isoza umwaka n'itangira uwundi, ahubwo bakayateganyiriza iby'ingenzi birimo amashuri y'abana n'ubwisungane mu kwivuza.

Yongeyeho ko Akarere kazakomeza gushyigikira ibikorwa byose bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage binyuze mu bufatanye n'ubwizigame.



Amatsinda yo kwizigamira muri Musanze yunganira abaturage mu mibereho yabo



Bamwe mu baturage bahisemo kwirirwa bagendana amatungo yabo

# Burera: Ubujura butuma bagendana amatungo aho bagiye hose

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Karere ka Burera, cyane cyane mu Mirenge ya Gahunga na Kinoni, baravuga ko ubujura bw'amatungo bwafashe indi ntera mu bihe bya vuba, cyane cyane mu Minsi Mikuru ya Noheli n'Ubunani, aho bayagendana aho bagiye hose.***

Abo baturage babwiye Imvaho Nshya ko kubera ubwoba bwo kwibwa amatungo, bahisemo kurarana na yo mu ngo zabo, mu byumba cyangwa mu bikoni, mu gihe abandi bayajyana aho bagiye hose, yaba mu mirima cyangwa mu ngendo zo mu Midugudu yabo.

Ni ibintu bigoye cyane abageze mu zabukuru, ariko bakabikora kuko nta yandi mahitamo baba bafite.

Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Gahunga wahawe izina rya Kazindutsi yagize ati: "Ubusanzwe ubujura burahari, ariko mu minsi mikuru bwo ntitugoheka. Tuba tuzi ko bashobora kuza nijoro bakatwiba, kuko baba bashaka inyama zo kurya".

Yakomeje avuga ko kubera ubwo bujura, hari abari boroye ihene n'intama bacitse burundu kuri ubwo bworozi ndetse n'ubw'inkoko kubera ko bazibwa kenshi.

Undi muturage wo mu Murenge wa Kinoni wahawe izina rya Muyobozi na we yongeyeho ati: "Jye nari mfite inkoko nyinshi ariko naraziretse. Kuko bahoraga bapfumura ikiraro, ubundi bakazitwara ku manywa mpitamo kuzireka, abajura basubiza umuntu inyuma mu iterambere.

Ubu nsigaye ntunze ihene, ariko na zo nzijyana aho ngiye hose. No mu minsi mikuru, aho kwishimira Iminsi Mikuru, tuba turi mu bwoba."

Ikindi kibabaza abaturage ni uko ngo hari abajura bafatwa ku wa Mbere, ariko ku wa Kabiri bakaba bamaze gufungurwa, bikavugwa ko hari ubwo bagaruka bagahigira abo bakeka ko batanze amakuru yabafashije gufatwa, bababwira ko bazabagirira nabi.

Hari n'ubuhamya bw'umuturage uherutse kwibwa ingurube ye mu minsi ya hafi, umunsi mukuru wa Noheri wegereje.

Yagize ati: "Banyibiye ingurube nijoro, ari bwo twari turi kwitegura Noheri. Byatumye umunsi mukuru tuwuryana agahinda, nta mutuzo, twibaza aho ubuyobozi bugeze muri iki kibazo, tekereza ko iyo ngurube bayibye ihaka."

Abaturage bavuga ko ubujura bw'amatungo n'imyaka mu

KOMEZA KU RUP.17





# Iburasirazuba: Baravuga imyato gahunda yo guhinga 70% by'inzuri

HITIMANA Servand

***Bamwe mu bashyize mu bikorwa gahunda ya Guverinoma yo kubyaza umusaruro w'ubuhinzi 70% ubutaka bwari inzuri bavuga ko byabazamuriye umusaruro ku mpande zombi, kuko ibiribwa byiyongereye cyane ndetse n'ibiryo by'amatungo bikaba uko.***



Aborozi barishimira gahunda yo guhinga 70% byubutaka bwo mu nzuri

Iyo gahunda ya Guverinoma yatangiye mu myaka itatu ishize, iteganya ko 70% by'ubutaka bw'inzuri bihingwa, aborozi bagasigara bakoresha 30% bubakaho ibiraro, hagamijwe kugira ibiribwa bihagije.

Abaturage b'Uturere twa Gatsibo na Nyagatare hamwe mu ho ubuyobozi bwasabye ko iyi gahunda y'ivugururabuhinzi n'ubworozi yakorerwa, bavuga ko nyuma yo kuyinjiramo ubu biri kubaha inyungu nyinshi ugereranyije n'uko bakoraga mbere.

Bavuga ko mbere bororeraga ku musozi bagakoresha ubutaka bugari ku bworozi nyamara ibyo bakuramo bikaba bike.

Innocent Bayijihe utuye mu Karere ka Gatsibo, agira ati: "Njyewe mfite hegitari 30. Nazororeragaho inka zikarisha kuri ubu butaka bwose ngakora ibishoboka ngo nongere umukamo ariko kubera kwirirwa ku gasozi inka yakamwaga menshi yari litiro eshanu.

Inka zarananirwaga zikirirwa ku zuba, ikindi byakururaga indwara zirimo nk'uburenge n'izindi."

Avuga ko nyuma y'amabwiriza ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yahise ayoboka abishyira mu bikorwa none ubu arahinga akeza imyaka myinshi ndetse n'inka ze zigatanga umusaruro mwinshi haba mu mukamo no mu ifumbire.

Ati: "Mu kunoza ubworozi kandi hadapfushijwe ubusa ubutaka, ubu nororera mu biraro nkoresheje hegitari 10, naho hegitari 20 nzihingaho imyaka itandukanye inanyunganira mu kugaburira amatungo yanjye. Byampaye inyungu nyinshi kuko inka nzitaho nkazigaburira bihagije aho ubu navuye ku gukama litiro 5 ku nka nkagera kuri litiro 15 ndetse na 20. Ni mu gihe kandi hamwe nkorera ubuhinzi nsarura toni eshanu z'ibigori kuri hegitari."

Bayijahe akomeza avuga ko iyi gahunda nshya y'imikoreshereze y'ubutaka iri kuzamura cyane ubukungu bwe.

Abiyingoma Livingston wororera mu Murenge wa Karangazi, Akarere ka Nyagatare, na we yagize ati: "Ubworozi bwunganiwe n'ubuhinzi buri kuduha umusaruro mwinshi. Uyu munsi turakora ubworozi butari bumwe bwa gakondo ahubwo ni ubworozi butwinjiriza amafaranga. Ni kumwe n'ubu buhinzi tubifatanya aho ubu navuga ko tubikora nk'ishoramari. Ubutaka twari dufite natwe ubwacu butari kutuzamura, ubu turabubyaza umusaruro tukinjiza amafaranga tukanafasha mu kwiyongera kw'ibiribwa n'umukamo."

Dr Ndayisenga Fabrice ukuriye Ishami ry'Ubworozi mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), na we yemeza ko iyo gahunda ikomeje gutanga icyizere ku kwihaza mu biribwa no kunoza ubworozi bw'umwuga.

Yagize ati: "Aborozi bafashe iya mbere mu gukoresha neza ubutaka ni abahamya b'ibyiza by'iyi gahunda. Ubusanzwe mu guhinga binafasha kubona ubwatsi bukomoka ku bisigazwa by'imyaka aho bitunganywa bikagaburirwa amatungo. Ikindi ariko iyo woroye inka mu buryo butazisaba kurisha zikora ingendo, umenya uko uzigaburira bikwiye bituma na zo ziguha umukamo uhagije. Ubu Aborozi bahawe amahema bashyira muri za 'dam' (dam sheet) n'ibindi bibafasha kwita ku bworozi bwabo."

Akomeza agira ati: "Ubworozi iyo bukorewe ahantu hato bituma ahasigaye hakorerwa ubuhinzi budufasha mu kwizaha mu biribwa, aho ubuyobozi na bwo buba hafi y'abaturage mu kubagira inama no gukurikirana ubuhinzi bwabo kugira ngo butange umusaruro mwinshi. Ibi rero iyo bikomatanyije bifasha mu kuzamura iterambere ry'Igihugu."

Iyi gahunda ikorerwa by'umwihariko mu Turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza na Kirehe. Kugeza ubu imaze gushyirwa mu bikorwa ku kigero cya 70% mu Karere ka Nyagatare, 65% mu Karere ka Gatsibo na 70% mu Karere ka Kayonza.

# Burera: Ubujura butuma bagendana amatungo aho bagiye hose

IBIKURIKIRA URUP.16

mirima yabo bwatumye hari abarya iminsi mikuru batishimye, bahangayikishijwe n'umutekano w'ibyabo aho kuba kwishimira iminsi mikuru.


Umuyobozi w'Akarere ka Burera, ushinzwe iterambere ry'ubukungu Mwanangu Théophile, yavuze ko hakajijwe amarondo haba ku manywa na nijoro kugira bahashye ubwo bujura.

Yagize ati: "Kuri ubu twafashe ingamba ko hakorwa amarondo haba ku manywa na nijoro. Aya marondo agomba gukorwa uhereye mu Isibo. Abo dufata tubashyikiriza inzego bireba kugira ngo bakurikiranwe n'amategeko."

Akomeza agira ati: "Ndashishikariza abaturage gukomeza kwita ku matungo yabo n'imyaka yabo, ariko nanone buri wese ajye atanga amakuru ku bantu bose bakekwaho ubujura bw'amatungo, by'umwihariko abagenda mu Masibo batazwi."

Ubuyobozi buvuga ko ubufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano ari bwo buzafasha guhashya burundu iki kibazo cy'ubujura gikomeje kubangamira imibereho y'abaturage bo mu Karere ka Burera.

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA



ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 025-277451 CYO KUWA 18/12/2025 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/01/12/03/7762, IFITE UBUSO BUNGANA NA 307 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 14.768.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA RUSUSA, AKAGARI KA GISHORE, UMURENGE WA NYAKARIRO, AKARERE KA RWAMAGANA MU NTARA YIBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 22/01/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 29/01/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 31/01/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 07/02/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 09/02/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 16/02/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 738.400FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu


# Abahoze mu mitwe irwanya u Rwanda bishimiye gusoza umwaka nta sasu bumva

NGABOYABAHIZI Protais

***Abahoze ari abarwanyi b'imitwe yitwaje intwaro ya FDLR na Wazalendo bagaragaje ibyishimo n'ishimwe rikomeye rishingiye ku mutekano n'amahoro bafite mu Rwanda, aho bavuga ko bagiye basoje umwaka wa 2025 bagatangira uwa 2026 batekanye, nta sasu na rimwe bumva, baryama bagasinzira mu mutuzo.***

Bavuga ko ari ibintu batigeze babona mu myaka ikabakaba 30 bamaze mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, no kuba umwaka ushize batabonye ubwicanyi, ubusahuzi cyangwa urugomo byahoze bibaranga mu mitwe yitwaje intwaro, ahubwo bakabona iterambere n'ubuyobozi bubitaho.

Bishimira intambwe Leta y'u Rwanda imaze kugeraho mu kubagezaho umutekano, kubafasha kwisubiza mu buzima busanzwe no kubafasha kwiteza imbere.

Lt. Col **Mpakaniye Emelien**, w'imyaka 51, wahunze u Rwanda mu 1994 ari ku ipeti rya Sergeant, ni umwe mu bahoze mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR. Yagaragaje ko ubuzima yabayemo mu mashyamba ya Congo bwari bushingiye ku bwoba n'urugomo rwa buri munsi.

Yagize ati: *"Mu mashyamba nta mutekano wabagaho, buri wese yabagaho atinya urupfu. Ubwicanyi bwakorwaga n'abaturage, gusahura no kwicana byari nk'ibintu bisanzwe, ariko kuri ubu ikinshimisha ni uko nta sasu, nta muntu uhohotera undi mu Rwanda."*

Yakomeje ahishura ko FDLR yakoraga ibikorwa byayo mu buryo buhamye kandi ishyigikiwe na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, igahabwa intwaro zakoreshwaga mu bwicanyi, ibiribwa n'uburenganzira bwo gukorera mu bice bitandukanye.

Avuga ko gusubira mu Rwanda byamuhaye ihumure, aho yabonye amahoro n'ubuyobozi bumufasha kongera kwiyubaka, aho buri muntu afite uburenganzira bwe.

Undi watanze ubuhamya ni **Uwajeneza Rebecca**, umugore w'imyaka 21 ukomoka mu Murenge wa Busasamana mu Karere ka Rubavu, wahoze mu mutwe w'inyeshyamba wa Wazalendo. Yagaragaje agahinda k'imyaka yamaze mu mashyamba ya Congo, aho yinjiye afite imyaka 15 gusa.

Yagize ati: *"Ninjiye muri Wazalendo nkiri umwana, nashutswe n'ibinyoma. Nabayemo ubuzima bugoye burimo inzara, ihohoterwa n'ubugizi bwa nabi, ariko ikibabaje ni uko natojwe kwica kugeza ubwo kwica byari nk'ibintu bisanzwe, twari twarabimenyereye ariko hano mu Rwanda ndangije umwaka ibintu nk'ibyo ntabibona."*

Avuga ko yicuza cyane ibikorwa by'urugomo yakoze atabishaka, ashimira Leta y'u Rwanda yamwakiriye ikamufasha gusubira mu buzima busanzwe.

Yagize ati: *"Naje mu Rwanda nzi ko nzicwa, ariko nasanze ndi umwana w'igihugu cyanjye. Narafashijwe, ndiga, ndavurwa, none ntangiye kubaho neza, ibintu by'ubwicanyi hano mu Rwanda ni ikintu kidakinishwa yemwe no mu magambo nasanze ntawe ukinisha kwica."*

Uwajeneza akomeza asaba urubyiruko rw'u Rwanda kwirinda amacakubiri, kwirinda gushukwa n'imitwe yitwaje intwaro, ahuvwo bagakunda igihugu cyabo, avuga ko amahoro n'iterambere u Rwanda rufite ari umusingi w'ejo hazaza heza.

Abo bahoze ari abarwanyi bahuriza ko ku kurangiza umwaka wa 2025 no gutangira uwa 2026 mu mahoro ari igihamya cy'uko u Rwanda ari igihugu gifite umutekano usesuye, cyita ku baturage bacyo ndetse n'ubumwe n'ubwiyunge byamaze kugerwaho.

Bashimira Leta y'u Rwanda ku bufasha ibagezaho mu bijyanye n'iterambere, ubuzima n'imibereho myiza, bakavuga ko biyemeje kuba intangarugero mu kubaka igihugu no gusangiza abandi ubutumwa bw'amahoro.



Lt. Mpakaniye yishimira ko aryama agasinzira





Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Ariel Wayz 2025 yamubereye iy'ibyishimo n'umubabaro

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Ariel Wayz avuga ko umwaka wa 2025, wamubereye mwiza ukanamubera mubi ariko kandi ahari ngo akomeze atange ibyishimo.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho abwira abakunzi b'umuziki we akigera ku rubyiniro mu gitaramo 'The Last Night' cyabaye mu ijoro ry'itariki 31 Ukuboza 2025.

Akigera ku rubyiniro Ariel Wayz wahawe ikaze itariki ya 01 Mutarama 2026 zamaze kugera, yasabye abacuranzi gucecekesha ibyuma akanya gato.

Ati: "Mumeze neza, mube muretse mbaze mbifuriza umwaka mushya muhire." Akomeza agira ati: "Uyu mwaka (2025) wambereye mwiza, unambera mubi ntimubizi? Wabaye mwiza uba mubi ariko turi hano ngo dukomeze twishime kandi dutange ibyishimo."



Ariel Wayz yagaragaje ko 2025 wamubereye mwiza ukaba na mubi ariko ibyishimo bikomeje

Ariel Wayz yavuze ibi ashaka kumvikanisha ibihe bibi yagize mu ijoro ryo ku wa 5 rishyira ku wa 6 Nzeri 2025, ubwo we na bagenzi be batabwaga muri yombi nyuma yo kurenza amasaha yo kuva mu kabari nyuma bagapimwa bakanasangwamo ibiyobyabwenge biri ku gipimo cyo hejuru.

Tariki 17 Nzeri 2025, ni bwo inzego zibishinzwe zafashe umwanzuro wo kubajyana mu kigo ngororamuco cy'i Huye.

Nubwo ariko ari uko byagenze ariko Ariel Wayz mu 2025 yagiriyemo ibihe byiza birimo kuba yarashyize hanze Alubumu ye ya mbere yise 'Hear To Stay' mu birori byabaye tariki 8 Werurwe 2025.

Ku wa 12 Kamena 2025, ni bwo hamenyekanye amakuru y'uko Ariel Wayz yamaze kwinjira mu bahanzi bakorana na sosiyete mpuzamahanga ya "Universal Music Group"isanzwe izwiho gufasha abahanzi bakomeye ku Isi.

Ni amakuru yamenyekanye biyunze mu itangazo ryashyizwe hanze n'ishami ryayo rikorera muri Afurika y'Iburasirazuba rifite icyicaro muri Kenya.

Ni amakuru yafashwe nk'intsinzi kuri uwo muhanzikazi ukiri muto kuko iyo sosiyete isanzwe ibarizwamo ibihangange mu ruhando mpuzamahanga nka Taylor Swift, Billie Eilish, The Weeknd, Drake, Kendrick Lamar, Sabrina Carpenter, Alicia Keys, Celine Dion n'abandi.

Akiva mu kigo ngororamuco Ariel Wayz yahise abona ikiraka cyo kuririmba mu gitaramo cya 'Kigali 5ive tour' igitaramo cya Davido na nyuma agenda atarama mu bitandukanye ibyo ashingiraho avuga ko umwaka we waranzwe n'amarangamutima yombi (ibyishimo n'umubanaro) icyakora akavuga ko ahari ngo akomeze atange ibyishimo.

Ariel Wayz yatangiye umuziki mu 2020, aho kugeza ubu amaze kugira Alubumu n'indirimbo zikunzwe zirimo Away, Shayo, Agasinye, You should know n'izindi.

# Bruce Melodie yateguje umugoroba wo gusangira n'abafana be

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Bruce Melodie yateguje ibirori byo guhura no kuramukanya n'abafana be yise 'Ibitangaza'.***

Ni nyuma y'uko mu ijoro ry'itariki ya 01 Mutarama 2025 batashye bamwirahira ku bw'umunezero yabahaye mu gitaramo 'The New Year Gloove' yahuriyemo na The Ben.

Akimara kuva muri BK Arena, Bruce Melodie yanyarukiye ku mbuga nkoranyambaga ze ashyiraho integuza y'ibyo birori.

Yagize ati: "Nyuma ya BK Arena, Ibitangaza Night Party, duhure turamukanye."

Nubwo uyu muhanzi atagaragaje neza itariki ariko kuri iyo nteguza bigaragara ko ibyo birori bizaba ari ku wa Gatanu muri Kigali Universe, aho kwinjira ari ibihumbi 10 na 20 by'Amafaranga y'u Rwanda.

Igitaramo The New Year Gloove cyahuje Bruce Melodie na The Ben cyabaye isoko y'umunezero ku bakunzi b'umuziki bishimangira ko ubufatanye bw'abahanzi bukenewe cyane mu muziki w'u Rwanda.

Bruce Melodie yagaragaje ko nubwo yaririmbye inyinshi mu ndirimbo ze hari n'izo ataririmbye.

Ati: "Dore urutonde rw'indirimbo ntakoze Katerina, Katapila, Izina, Fou de Toi, Serebura, Roza, ntakibazo munyibutse n'izindi."

The New Year Gloove ni igitaramo cyambukiranyije umunsi kuko cyatangiye saa tatu n'iminota 21 z'umugoroba wo ku wa 1 Mutarama 2026 kikarangira saa munani n'iminota 15 zo ku wa 2 Mutarama 2026.



Bruce Melodie ateganya kuzahura n'abafana be bagasangira

# Bimwe mu byamamare byavutse ku ya 5 Mutarama



Lulu Gainsbourg ni umucuranzi, umuhimbyi, akaba n'umukinnyi wa filime w'Umufaransa

**NYIRANEZA Judith**

**Umuririmbyi n'umucuranzi Lulu Gainsbourg**

***Lucien Gainsburg, uzwi ku izina rya Lulu Gainsbourg, ni umucuranzi, umuhimbyi, akaba n'umukinnyi wa filime w'Umufaransa, wavutse ku ya 5 Mutarama 1986 i Paris. Ni umuhungu wa Serge Gainsbourg na Bambou, akaba na murumuna wa Charlotte Gainsbourg.***

Ni murumuna wa Natasha na Paul, uzwi ku izina rya "Vania," Gainsbourg, bombi bavutse ku ishyingiranwa rya Serge n'umugore we wa mbere, Françoise-Antoinette Pancrazzi.

Umucuranzi, umuhimbyi, akaba n'umukinnyi wa filimi, Lulu Gainsbourg yavutse ku ya 5 Mutarama 1986. Ni umuhungu wa Bambou na Serge Gainsbourg, yagaragaye bwa mbere ku rubyiniro afite imyaka ibiri mu gitaramo cyakozwe na se i Zénith.

Se yamuzanye ku rubyiniro amwereka abari aho. Ni umuhungu w'umucuranzi, Lulu yigishije piyano afite imyaka itanu, maze yinjiye mu kigo cyigisha umuziki, kubyina n'ikinamico cya Paris afite imyaka umunani.

Yakinnye bwa mbere muri filimi Armanet mu 2002 naho mu 2006, Lulu Gainsbourg yavuye I Paris ajya kuba i Londres kugira ngo akurikire amasomo muri London Conservatory of Blackhealth, mu mwaka wakurikiyeho yagiye kwiga umuziki, yiyandikisha muri Berklee College of Music.

Yakoreye igitaramo cye cya mbere i Angoulême mu 2010, ntiyaririmbye, ahubwo yacuranze ibihangano bye bwite. Alubumu ye ya mbere, yise From Gainsbourg to Lulu, yasohotse mu 2011.

Ku ya 12 Ugushyingo 2021, yagarutse ku isonga hamwe na alubumu ya kane yise 'Replay'.

Ku ruhande rw'imibereho ye, yakundanye na Aurélie Bossu, uzwi ku izina rya Lilou, kuva mu 2014. Uwo Aurélie Bossu yahimbye alubumu ya Lulu Gainsbourg yitwa T'es qui là?, yasohotse mu 2017.

Natty Belmondo

Nathalie Tardivel, izina rye nyakuri, akaba mu byamamare azwi nka Natty Blmondo yavutse ku ya 5 Mutarama 1965, i Paris. Kuva akiri muto cyane, yakundaga kubyina kandi yarotaga kubigira umwuga we.

Uyu mubyinnyi akiri muto yinjiye mu itsinda ry'ababyinnyi n'abahanga mu gucuranga, imideli Redha. Hanyuma, Stéphane Collaro amubonamo impano maze amuha umwanya wa 'Coco-girl' mu bitaramo bye bya 'Coco-Boy' na nyuma mu kiganiro cy'urwenya 'Cocoricocoboy'. Bityo yagaragaye kuri televiziyo TF1hagati mu myaka ya 1980.

Muri Gicurasi 1989, yahuye n'umukinnyi wa filime Jean-Paul Belmondo. Yahisemo guhagarika umwuga we kugira ngo yibande ku buzima bwe bwite. Aba bombi bakunze kugaragara mu birori byiyubashye kandi bagenda ku itapi itukura.

Muri Kanama 2001, ubwo aba bombi bari batuye i Corsica, uyu mukinnyi Belmondo yarwaye indwara yo mu bwonko. Natty amwitaho, agenda agarura ubuzima nyuma y'igihe kirekire. Nyuma y'imyaka myinshi bari kumwe, aba bombi bahisemo gushyingiranwa. mu mpera z'Ukuboza 2002. Ku ya 13 Kanama 2003, Natty babyaranye umwana w'umukobwa witwa Stella.



Kuva Natty Belmondo akiri muto yakundaga kubyina



Pauline yakunze umuziki akiri muto, atangira kwiga piyano ku myaka itanu

Umuririmbyi Pauline Vasseur

Pauline Vasseur yavutse ku ya 5 Mutarama 1988, i Lens muri Pas-de-Calais. Kuva akiri muto yakundaga umuziki cyane, maze atangira kwiga piyano ku myaka itanu. Yari umuhanga afite impano, ku myaka cumi n'ibiri atsinda ikizamini cyo kwinjira muri 'Lille Conservatoire' kubera ko yigaragaje neza.

Aho niho yize ikinyabupfura maze aba umuntu ukunda gukora ibintu byose neza. Buhoro buhoro, yandika indirimbo maze ahimba indirimbo ye ya mbere, "Vie de songes" (Ubuzima bw'Inzozi) ku myaka cumi n'itanu.

Pauline yavumbuwe n'ikigo cy'indirimbo, yakoranye n'abanditsi b'indirimbo batandukanye, cyane cyane François Welgryn, bandikanye indirimbo "Allô le monde" (Hello World). Alubumu y'izina yasohotse mu Ukwakira 2007.

Iyo alubumu ikaba ari inkuru y'ubuzima bwe, irimo amagambo ya mbere yanditse akiri umwangavu. Mu Kuboza 2007, Gad Elmaleh yamusabye kumuha ikaze muri Olympia, uko kumenyekana byatumye alubumu zigurishwa.

Iyi alubumu yahawe icyemezo cya zahabu muri Kamena 2008, maze indirimbo "Allô le monde" iba iyakunzwe cyane.

Mu 2009, Pauline yatangiye kuzenguruka mu Bufaransa no mu Bubiligi, akurikizaho gusohora alubumu nshya muri Gicurasi 2010, 'La vie du bon côté' guhera aho yandika indirimbo nyinshi.

Muri Gicurasi 2013, umuhanzi Pauline wari warahinduye amakampani yo gucuranga indirimbo, yasohoye alubumu ye ya gatatu, "Le meilleur de nous-mêmes," mu nzu itunganya umuziki yitwa Warner label.

Mu Ukwakira 2015, yinjiye mu bakinnyi mu kiganiro cya televiziyo yo mu Bufaransa "Danse avec les stars" (Dancing with the Stars) kuri TF1, asimbuye Karine Ferri.





# APR FC yatsinze Bugesera FC mu mukino wahagaze iminota 20



APR FC yatsinze Bugesera FC ikomeza kotsa igitutu Police FC ya mbere

**SHEMA Ivan**

***APR FC yatsinze Bugesera FC ibitego 2-1 mu mukino w'Umunsi wa 14 wa Shampiyona wahagaze Iminota 20 nyuma y'aho amatara amurikira Kigali Pelé Stadium yazimye.***

Ni umukino wabaye ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki 3 Mutarama 2026. APR FCni yo yatangiye neza umukino yiharira cyane umupira hagati mu kibuga.

Mu minota 20, iyi kipe yakomeje gukina neza ariko ikagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe yabonaga imbere y'izamu. Byasabye gutegereza ku munota wa 42 kuri Koruneri yatewe na Ruboneka Jean Bosco, umupira usanga William Togui wari uhagaze neza awushyira mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Bugesera FC igitego 1-0.

Mu gice cya kabiri, Bugesera FC yagarukanye imbaraga nyinshi itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura binyuze mu bakinnyi barimo Sadick Sulley na Farouk Saifi Ssentongo.

Iyi kipe y'Akarere ka Bugesera yakomeje kwiharira umupira gusa ikagorwa n'ubwugarizi bwa APR FC bwari buhagaze neza.

Ku munota wa 60, APR FC yakoze impinduka mu kibuga havamo Byiringiro Jean Gilbert wari wavunitse hinjiramo Ombolenga Fitina.

Ku munota wa 78, Bugesera FC yabonye igitego cyo kwishyura kuri Coup Franc nziza yatewe na Saddick Sulley umupira uruhukira mu izamu.

Nyuma y'iki gitego, ku munota wa 80, amatara amurikira ikibuga azimye. Umukino wongeye gukomeza nyuma y'iminota 20 bahereye ku munota wa 80 wari ugezeho.

Iminota 10 ya nyuma yihariwe na APR FC yashakaga igitego cya kabiri cyari kuyifasha gukomeza kotsa igitutu Police FC ya mbere. Ku munota wa 84, Mugisha Gilbert wa APR FC yakorewe ikosa mu rubuga rw'amahina umusifuzi yemeza ko ari Penaliti.

Iyi Penaliti yinjijwe neza na rutahizamu Djibril Ouattara atsindira APR FC igitego cya kabiri.

Umukino warangiye APR FC itsinze Bugesera FC ibitego 2-1, ku nshuro ya mbere yuzuza imikino itatu yikurikiranya itsinda muri Shampiyona ya 2025/26.

APR FC yagumye ku mwanya wa ko kabiri igira amanota 29 irushwa na Police FC ya mbere amanota atatu mu gihe Bugesera FC yagumye ku mwanya wa 13 n'amanota 17.



Nshimiyimana Yunusu ahanganiye umupira



Wari umukino wimbagara nyinshi



William Togui ni we wafunguye amazamu



Ku munota wa 80, umukino wahagaze nyuma y'aho amatara ya Kigali Pele Stadium azimye



Igitego cya Djibril Ouattara cyafashije APR FC gutsinda Bugesera FC ibitego 2-1

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-46 TARIKI 30 UKUBOZA 2025 - 5 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yatsinze AS Muhanga yicuma ku rutonde rwa shampiyona

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yatsinze AS Muhanga ibitego 2-0 mu mukino w'Umunsi wa 14 wa Shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium kuri iki Cyumweru, tariki ya 4 Mutarama 2026.***

Rayon Sports yari yagaruye Gloire Tambwe na Abedi Bigirimana bari bamaze igihe badakina kubera imvune.

Ni umukino watangiye ugenda gake umupira ukinirwa cyane hagati mu kibuga.

Uburyo bwa mbere bwabonetse ku munota wa 15, ku mupira mwiza Ndikumana Asman yari ahaye Sindi Paul Jesus arebana n'izamu wenyine ariko awutera hanze.

Ku munota wa 26, Rayon Sports yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tony Kitoga ku mupira wahinduwe na Ganijuru Ishimwe Elia, awushyira mu izamu.

Mu minota 35, AS Muhanga yagaragaje urwego ruri hasi mu kibuga dore ko kugera imbere y'izamu rya Rayon Sports bitakundaga.

Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports yatsinze AS Muhanga igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yakomeje gukina neza bidatinze ku munota wa 51, iba ibonye igitego cya kabiri cyatsinzwe na Sindi Paul Jesus ku mupira mwiza yahawe na Tony Kitoga awushyira mu nshundura.

Nta kindi gitego cyabonetse kugeza umukino urangiye, Rayon Sports itaha itsinze AS Muhanga ibitego 2-0.



**Abakinnyi Rayon Sports yabanje mu kibuga**



**Abakinnyi AS Muhanga yabanje mu kibuga**



**Gutsinda AS Muhanga byatumye Rayon Sports yicuma ku rutonde**

Iyi kipe yicumye ku rutonde rwa Shampiyona, aho yageze ku mwanya wa gatandatu n'amanota 24, mu gihe AS Muhanga ikomeje kugana ahabi yatakaje umukino wa gatanu yikurikiranya ikomeza kuba ku mwanya wa 17 n'amanota 12.

Mu wundi mukino wabereye kuri Stade Umuganda, Mukura VS yatsinze Rutsiro ibitego 2-1.



**Rayon Sports yishimira intsinzi**



**Rayoc Spotrs yatsinze AS Muhanga ibitego 2-0**